

Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse

Umwaka wa kabiri w'amashuri abanza

Inyoborabarezi

@ 2019 Ikigo Gishinzwe guteza imbere uburezi mu rwanda (REB)

Iki gitabo ni umutungo w'ikigo gishinzwe guteza imbere uburezi mu rwanda.

Uburenganzi bw'umuhanzi w,ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe guteza imbere uburezi mu rwanda (REB)

Ibiri mu gitabo

<i>Intangiriro</i>	vii
<i>Amabwiriza rusange agenewe umwarimu</i>	ix
1. Imbonerahamwe y'ibygwa byose.....	ix
2. Urugero rw'isomo riteguye rishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri..	xx
3. Imiterere ya buri mutwe muri iyi nyoborabarezi.....	xxiv
a) <i>Izina ry'umutwe</i>	xxiv
b) <i>Isobanurampamvu</i>	xxiv
c) <i>Ubushobozi bw'ingenzi buteganijwe</i>	xxiv
d) <i>Imfashanyigisho</i>	xxiv
e) <i>Ubumenyi busabwa mwarimu</i>	xxv
f) <i>Amabwiriza y'imyigishirize</i>	xxv
g) <i>Uruhererekane rw'amasomo</i>	xxv
h) <i>Incamake</i>	xxvi
i) <i>Ibisubizo ku isuzuma</i>	xxvi
4. Amabwiriza rusange y'imyigishirize	xxvii
4.1 Imyigire ishingiyeye ku ivumbura	xxvii
4.2 Ibindi umwarimu agomba kwitaho.....	xxx
5. Amabwiriza rusange y'isuzuma	xxxii
a) <i>Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize</i>	xxxii
b) <i>Isuzuma rikomatanya</i>	xxxv
c) <i>Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma</i> <i>no gusangiza ababyeyi ibyavuye mu isuzuma</i>	xxxvi
Umutwe wa 1: Ibikoresho byo mu rugo no ku ishuri	1
1.1 Isobanurampamvu	1
1.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	1
1.3 Imfashanyigisho	1
1.4 Uruhererekane rw'amasomo	1
1.5 Ubumenyi busabwa umwarimu	5
1.6 Amabwiriza ku myigire	5
1.7 Incamake	6
1.8 Ibisubizo ku bibazo by' isuzuma biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro 16-17	6

Umutwe wa 2: Ibikinisho, ibikoresho binyuranye n’imfashanyigisho.....	9
2.1 Isobanurampamvu	9
2.2 Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe	9
2.3 Imfashanyigisho.....	9
2.4 Uruhererekane rw’amasomo.....	9
2.5 Ubumenyi busabwa mwarimu	14
2.6 Amabwiriza y’imyigishirize.....	14
2.7 Incamake	15
2.8 Ibisubizo ku isuzuma biri mu gitabo cy’umunyeshuri, urapapuro rwa 30.....	15
Umutwe wa 3: Inshuti yanjye mudasobwa	17
3.1 Isobanurampamvu	17
3.2 Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe	17
3.3 Imfashanyigisho.....	17
3.4 Uruhererekane rw’amasomo.....	17
3.5 Ubumenyi busabwa mwarimu	22
3.6 Amabwiriza y’imyigishirize.....	22
3.7 Incamake	22
3.8 Ibisubizo ku bibazo by’isuzuma biri mu gitabo cy’umunyeshuri, urapapuro rwa 39-40.....	23
Umutwe wa 4: Umwuka n’umuyaga	24
4.1 Isobanurampamvu	24
4.2 Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe	24
4.3 Imfashanyigisho.....	24
4.4 Uruhererekane rw’amasomo.....	24
4.5 Ubumenyi busabwa mwarimu	28
4.6 Amabwiriza y’imyigishirize.....	28
4.7 Incamake	28
4.8 Ibisubizo ku bibazo by’isuzuma biri mu gitabo cy’umunyeshuri, urapapuro rwa 54-55.....	28
Umutwe wa 5: Ubutaka	30
5.1 Isobanurampamvu	30
5.2 Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe	30
5.3 Imfashanyigisho.....	30
5.4 Uruhererekane rw’amasomo.....	30

5.5	Ubumenyi busabwa mwarimu	34
5.6	Amabwiriza y’imyigishirize.....	34
5.7	Incamake	35
5.8	Ibisubizo ku bibazo by’isuzuma biri mu gitabo cy’umunyeshuri, urapapuro rwa 67.....	35
Umutwe wa 6: Ibimera		37
6.1	Isobanurampamvu	37
6.2	Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe	37
6.3	Imfashanyigisho.....	37
6.4	Uruhererekane rw’amasomo.....	37
6.5	Ubumenyi busabwa umwarimu	40
6.6	Amabwiriza y’imyigishirize.....	40
6.7	Incamake	41
6.8	Ibisubizo ku bibazo by’isuzuma biri mu gitabo cy’umunyeshuri, urapapuro rwa 75.....	41
Umutwe wa 7: Urumuri n’ubushyuhe		43
7.1	Isobanurampamvu	43
7.2	Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe	43
7.3	Imfashanyigisho.....	43
7.4	Uruhererekane rw’amasomo.....	43
7.5	Ubumenyi busabwa mwarimu	49
7.6	Amabwiriza y’imyigishirize.....	49
7.7	Incamake	50
7.8	Ibisubizo ku bibazo by’isuzuma biri mu gitabo cy’umunyeshuri, urapapuro rwa 94.....	50
Umutwe wa 8: Ibyumviro.....		51
8.1	Isobanurampamvu	51
8.2	Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe	51
8.3	Imfashanyigisho.....	51
8.4	Uruhererekane rw’amasomo.....	51
8.5	Ubumenyi busabwa mwarimu	54
8.6	Amabwiriza y’imyigishirize.....	54
8.7	Incamake	55
8.8	Ibisubizo ku bibazo by’isuzuma biri mu gitabo cy’umunyeshuri, urapapuro rwa 99.....	56



Intangiriro

U Rwanda rwafashe icyemezo cyo guhindura uburyo bw'imyigishirize yari ishingiyeye ku bumenyi igasimburwa n'uburyo bushingiyeye ku bushobozi bw'umunyeshuri. Iki gitabo cy'inyoborabarezi (igitabo cy'umwarimu) cyanditswe hashingiwe ku mahame shingiro y'integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi: *ukwigisha gushingiye ku munyeshuri, ukwigisha gushingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri, uburezi bwita kuri bose, ikorehwa ry'ikoranabuhanga mu myigire, no kwita ku ngingo nsanganyamasomo*. Ingingo nsanganyamasomo ni ingingo zatekerejweho bigaragara ko ari ngombwa ko zibandwaho mu masomo yose, kandi mu byiciro bitandukanye. Izo ngingo ni umunani: Ubuzima bw'imyororokere, Kwita ku bidukikije, umuco w' amahoro n'indagagaciro, Umuco w'ubuziranenge, Uburezi budaheza, Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, Ubumenyi kuri Jenocide n'Uburezi ku kwizigamira.

Iki gitabo k'inyoborabarezi ku isomo ry'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse gitanga inama ku barezi kugira ngo bafashe abanyeshuri b'umwaka wa kabiri w'amashuri abanza kugira ubushobozi bukenewe. Mu bintu byinshi umwana urangije umwaka wa mbere ategerejweho, harimo *gusobanukirwa ubumenyi bw'ibanze bugaragarira amaso bwerekeranye n'ibidukikije (ibihumeka n'ibidahumeka) biri aho bisanzwe biba*. Uwo munyeshuri kugira ngo abashe kugera kuri ubwo bushobozi rusange, agomba gufashwa mu myigire ye uko bikwiriye.

Iki gitabo cyanditswe kandi hashingiwe ku bushobozi bw'umunyeshuri, bugaragarira mu nzego eshatu: ubumenyi, ubumenyigiro n'ubukeshu.

- **Ubumenyi** bw'umunyeshuri bujyanye n'ibyo umwana yiga afata mu mutwe, akaba ashobora kubisubiza mu magambo cyangwa mu nyandiko igihe abibajijwe.
- **Ubumenyigiro** bw'umunyeshuri bwerekana ubushobozi uwo munyeshuri agomba kugira bwo gukora ibintu bitandukanye bakoresheje amaboko, umubiri, gukora amagerageza, gukoresha ibikoresho binyuranye kugirango

babashe gukemura ibibazo bisanzwe mu buzima, bifashishije ubumenyi bize mu ishuri cyangwa hanze y'ishuri.

- **Ubukeshya** umunyeshuri agomba kugira bujyanye n'ibyo agomba kugira umuco, bikaba ibimufasha guhindura imyitwarire mu buzima bwe bwa buri muni, akarangwa n'imyitwarire myiza ibereye Umunyarwanda mwiza.

Iki gitabo kigenewe umwarimu, ariko n'umubyeyi ukeneye gukurikirana imyigire y'umwana we ashobora kugikoresha. Gikubiyemo amabwiriza rusange ashobora gufasha umwarimu gutegura amasomo ye ya buri muni. Iyi nyoborabarezi igomba gukoreshwa iherekejwe n'igitabo cy'umunyeshuri, ahagaragara mo ibikorwa bifatika umunyeshuri asabwa gukora ngo abashe kuronka ubushobozi (ubumenyi, ubumenyingingiro n'ubukeshya) bwa ngombwa mu mikurire ye.

Iyi nyoborabarezi kandi ikubiyemo amabwiriza ajyanye n'imyigishirize mishashya nk'uko integanyanyigisho nshya ibiteganyaga.

Amabwiriza rusange agenewe umwarimu

Iyi nyoborabarezi igamije kunganira umwarimu kugira ngo ashobore gufasha abanyeshuri neza igihe biga inyigisho ziteganijwe mu nteganyanyigisho ari nazo zagendeweho handikwa igitabo cy'umunyeshuri.

Igitabo cy'umunyeshuri kigaragaramo ibikorwa bitandukanye abanyeshuri bagomba gukora igihe biga ibiteganijwe mu nteganyanyigisho. Ni ngombwa rero ko umwarimu amenya uko azafasha abanyeshuri kugera ku ntego ziteganijwe.

1. Imbonerahamwe y'ibyigwa byose

Iyi mbonerahamwe y'ibyigwa ni ingenzi cyane muri iyi nyoborabarezi. Izafasha umwarimu kurebera hamwe ibiteganijwe kwigishwa mu mwaka wose, bityo bihe ishusho rusange umwarimu ugomba kuyobora abanyeshuri be mu rugamba rwo kugira ubushobozi (ubumenyi, ubumenyingingiro n'ubukeshya) bukwiriye. Muri iyi mbonerahamwe, hagaragara mo amazina y'imitwe uko ari umunani. Kuri buri mutwe, muri iyi mbonerahamwe y'ibyigwa byose, hagaragara amakuru y'ingenzi umwarimu akeneye ngo agire ishusho rusange y'iri somo ry'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse umubare w'amasomo, intangiriro, imiterere y'aho isomo ribera, imfashanyigisho, ibikorwa bibera mu ishuri, ubumenyi ngiro, iyigarurimi, inyunguramagambo, iyigakubara, isubiramo, isuzuma n'ibyagezweho mu isomo. Iyo mbonerahamwe igaragara ku rupapuro rwa x kugera kurwa xvi muri iyi nyoborabarezi.

Imbonerahamwe y'ibygwa byose

	Umutwe wa 1 Ibikoresho byo mu rugo no ku ishuri	Umutwe wa 2 Ibikinisho, ibikoresho binyuranye n'imfashanyigisho	
Umubare w'amasomo	6	8	
Intangiriro	Kwitegereza ibikoresho byo mu rugo	Ibiganiro ku bikinisho abana bakunda gukinisha	
Imiterere y'aho isomo ribera	Hanze y'ishuri, no mu ishuri	Hanze y'ishuri, no mu ishuri	
Imfashanyigisho	Ibikoresho bitandukanye bikoreshwa mu rugo no ku ishuri	umukasi, urupapuro, ibikenyeri, icyuma, uduki dukomeye, agasumari, urwembe, icupa rya parasitike ririmo ubusa, agati karekare/ agasinga, agasumari ko gutobora, igikarito, agati gakomeye/agasumari, ikaramu, urupapuro rukomeye, ibumba, umucanga muto, umucanga muto, amazi	
Ibikorwa by'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> • Gukora ibiganiro mu matsinda. • Koza no guhanagura ikibaho. • Gufunika amakaye • Gusongora ikaramu y'igiti. • Guhanagura no koza ibikoresho byo mu ishuri, • Kwandikisha ikaramu y'igiti. • Kwandikisha ikaramu y'amabara. • Kwibukiranya ibikoresho bifashisha mu rugo n'akamaro kabyo. 	<ul style="list-style-type: none"> • Kwegeranya ibikoresho bikenewe. • Kwitegereza no kwigana neza intambwe zose zo gukora ibikinisho binyuranye. • Gukora / Kubanga / Kubumba ibikinisho n'ibindi bikoresho bitandukanye. 	

	Umutwe wa 3 Inshuti yanjye mudasobwa	Umutwe wa 4 Umwuka n'umuyaga
	12	8
	Ibiganiro ku kamaro ka mudasobwa	Ibiganiro byerekeye umwuka n'umuyaga ndetse n'urugendo shuri
	Hanze y'ishuri, no mu ishuri	Hanze y'ishuri, no mu ishuri
	Mudasobwa igendanwa (OLPC)	Ipompo y'igare, icupa ritagize ikindi kintu kigaragaramo, akadobo karimo amazi, agahungizo, igikoresho kibyara umuyaga, Ipompo y'igare, serenge, ishashi, icupa, ipine cyangwa umupira
	<ul style="list-style-type: none"> • Gukora ibiganiro nyunguranabitekerezo hagamijwe kurondora ibice bya mudasobwa. bigaragara inyuma n'umumaro wabyo. • Umwitozo wo kwicara imbere ya mudasobwa hakurikijwe uburyo buboneye. 	<ul style="list-style-type: none"> • Urugendo shuri. • Guhaga umupira/cyangwa igipurizo. • Kugurutsa urupapuro. • Gukandira umwuka mu ipompo y'igare. • Gukora amagerageza hakoreshejwe ipompo y'igare, ishashi cyangwa igipurizo.

	Umutwe wa 1 Ibikoresho byo mu rugo no ku ishuri	Umutwe wa 2 Ibikinisho, ibikoresho binyuranye n'imfashanyigisho	
Ubushobozi / Ubumenyigiro bwagezweho	<ul style="list-style-type: none"> • Gutandukanya ibikoresho byo ku ishuri hagendewe ku mumaro wabyo. • Gukoresha neza ibikoresho byo kwandikisha n'ibyo kwandikaho. • Gukoresha neza ibindi bikoresho bitandukanye biboneka mu ishuri. • Gusukura ikibaho. • Gufunika amakaye. • Gusongora ikaramu y'igiti. • Gutandukanya / kuvangura. 	Gukora ibikinisho, ibikoresho bitandukanye ukoresheje amaboko yawe.	
Iyigarurimi	Kuvuga neza amagambo y' Ikinyarwanda	Kuvuga neza amagambo y' Ikinyarwanda	
Inyunguramagambo	Amazina y'ibikoresho byo murugo ndetse n'ibyo ku ishuri	Amazina y'ibikinisho ndetse n'ay'ibikoresho byifashishwa mu kubikora	
Iyigakubara	-	Gupima uburebure bukwiriye bw'urupapuro cyangwa umugozi	
Uburyo bw'imyigishirize	Ukwiga gushingiye ku ivumbura	Ukwiga gushingiye ku ivumbura	
Isubiramo	Ibiganiro bijyanye n'ibikoresho byo murugo no ku ishuri	Ibiganiro bijyanye n'ibikinisho abana basanzwe bakoreshe	
Isuzuma	<p>Imyitozo:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Guhuza ibikoresho, umumaro wabyo ndetse n'aho bikoreshwa • Gufunika ikaye • Koza isahane n'isabune • Kumesa neza umuswari 	<ul style="list-style-type: none"> • Gukora/kubumba ibikinisho n'ibindi bikoresho byari biteganijwe kwigwa 	

	Umutwe wa 3 Inshuti yanjye mudasobwa	Umutwe wa 4 Umwuka n'umuyaga
	<ul style="list-style-type: none"> • Gutandukanya no gusobanura umumaro w' ibice bya mudasobwa bigaragara inyuma. • Gukurikiza uburyo bwo kwirinda impanuka zikomoka ku gukoresha nabi mudasobwa. • Gukurikiza uburyo bukwiye mu gihe na nyuma yo gukoresha mudasobwa. 	<ul style="list-style-type: none"> • Kuvumbura ukubaho k'umwuka. • Kugereranya ingaruka z' umwuka n' umuyaga ku bidukikije. • Kwirinda ingaruka z'umuyaga kubidukikije.
	Kuvuga neza amagambo y' Ikinyarwanda	Kuvuga neza amagambo y' Ikinyarwanda
	Amazina y'ibice bigize mudasobwa	Amazina y'amoko y'umuyaga
	-	-
	Ukwiga gushingiye ku ivumbura	<ul style="list-style-type: none"> • Urugendo shuri • Ukwiga gushingiye ku ivumbura • Igerageza
	Ibiganiro bijyanye n'ikoresha rya mudasobwa	Ibiganiro bijyanye n'umwuka n'umuyaga
	<ul style="list-style-type: none"> • Kwandika ibice bigize mudasobwa • Kuvuga akamaro ka mudasobwa, • Kwerekana uko mudasobwa ikwiye kubikwa • Kwerekana uko ukoresha mudasobwa agomba kuba yicaye 	<ul style="list-style-type: none"> • Kuvuga ibiranga umwuka n'umuyaga • Amoko y'umuyaga • Akamaro k'umwuka n'muyaga

	Umutwe wa 1 Ibikoresho byo mu rugo no ku ishuri	Umutwe wa 2 Ibikinisho, ibikoresho binyuranye n'imfashanyigisho	
Ibyagezweho mu isomo	Gusobanura umumaro w'ibikoresho biboneka mu rugo no ku ishuri, ndetse no kubifata neza	Gukora ibikinisho n'ibikinisho binyuranye	

	Umutwe wa 5 Ubutaka	Umutwe wa 6 Ibimera	
Umubare w'amasomo	10	8	
Intangiriro	Urugendo shuri rugamije kureba amoko y'ubutaka	Urugendo shuri hagamijwe kwitegereza ibimera no kurandura bimwe mu bimera bakoresha mu ishuri igihe biga	
Imiterere y'aho isomo ribera	Hanze y'ishuri, no mu ishuri	Hanze y'ishuri, no mu ishuri	
Imfashanyigisho	Ubutaka bw'amoko atandukanye, amazi, isuka, ibishushanyo n'amafoto, ahantu hatandukanye hagaragara ubutaka bwangijwe n'amazi	Ibimera bitandukanye biboneka aho ishuri ryubatse, ibishushanyo by'ibimera bitandukanye	

	Umutwe wa 3 Inshuti yanjye mudasobwa	Umutwe wa 4 Umwuka n’umuyaga
	<ul style="list-style-type: none"> • Gusobanukirwa ibice bigize mudasobwa n’akamaro kabyo • Kumenya kubika mudasobwa neza • Kumenya kwicara neza igihe ukoresha mudasobwa 	<ul style="list-style-type: none"> • Gutandukanya no gusobarura amoko y’umuyaga, • Gutandukanya umwuka n’umuyaga • Kumenya akamarok’umwuka n’umuyaga
	Umutwe wa 7 Urumuri n’ubushyuhe	Umutwe wa 8 Ibyumviro
	14	6
	Ivumburamatsiko rishingiye ku bintu bitandukanye bitanga ubushyuhe n’urumuri	Ibiganiro ku bice by’ingenzi umubiri w’umuntu
	Hanze y’ishuri, no mu ishuri	Hanze y’ishuri, no mu ishuri
	Izuba, isitimu, umuriro, buji, itadowa, itara rya peterori, itara ry’amashanyarazi, umwambi n’ikibiriti, itara rya gazi, inkwi mu ziko, amasitimu, itara, buji, izuba, ibikarito, ibitambaro by’umukara byo gukinga amadirishya y’ishuri, ilati, ukwezi, akanyenyeri; Igipimo cy’ubushyuhe gisanzwe n’icyo kwa muganga, ikaramu, urupapuro, ubutaka, amazi abira	Ibishushanyo bigaragaza ibyumviro by’umubiri, Ibintu bitandukanye byifashishwa mukugaragaza akamaro k’ibyumviro by’umubiri.

	Umutwe wa 5 Ubutaka	Umutwe wa 6 Ibimera	
Ibikorwa by'umunyeshuri	<ul style="list-style-type: none"> • Gusura ahantu hatandukanye hafi y'ishuri haboneka amoko atandukanye y'ubutaka no gufata ubutaka bw'urwitegererezo. • Gukorera mu matsinda ubushakashatsi hagamijwe gutandukanya amoko y'ubutaka, kuvuga akamaro k'ubutaka 	<ul style="list-style-type: none"> • Kurandura neza no kuzana ku ishuri ibimera bitandukanye • Gukora ibiganiro mu matsinda • Gushyira ibimera mubyiciro bitandukanye 	
Ubushobozi / Ubumenyigiro bwagezweho	<ul style="list-style-type: none"> • Kuvumbura amoko atandukanye y'ubutaka • Gutandukanya akamaro k'ubutaka hakurikijwe amoko yabwo 	<ul style="list-style-type: none"> • Gutandukanya ibice bigize ibimera • Gushyira ibimera mu matsinda 	

	Umutwe wa 7 Urumuri n’ubushyuhe	Umutwe wa 8 Ibyumviro
	<ul style="list-style-type: none"> • Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura: • Gukora icyumba cyijimye hifashishijwe ibitambaro by’umukara; • Gukora igicucu hifashishijwe ibitanga urumuri • Gupima uburebure bw’igicucu cyabyawe n’igiti giteye mubusitani bw’ishuli ku masaha atandukanye y’umunsi • Igerageza rigamije kuvumbura isano iri hagati y’urumuri n’ubushyuhe • Kuvumbura ibyiza (akamaro) n’ibibi (ingaruka) by’ubushyuhe • Kuvumbura imyifatire ikwiriye mu kwirinda ingaruka / ibibi by’ubushyuhe • Gukoresha igipimo cy’ubushyuhe gikoreshwa kwa muganga 	<ul style="list-style-type: none"> • Kwitegereza amashusho yerekana ibyumviro by’umubiri w’umuntu • Gukora ibiganiro mu matsinda • Gukora amagerageza atandukanye agamije kuvumbura akamaro k’ibyumviro by’umubiri
	<ul style="list-style-type: none"> • Kuvumbura ibitanga urumuri n’ibitanga ubushyuhe • Gutandukanya umwijima n’igicucu • Kugereranya uburebure bw’igicucu n’amasaha (ibihe) by’umunsi • Kuvumbura isano y’ibitanga urumuri n’ubushyuhe, • Gukoresha ibintu bitanga urumuri n’ubushyuhe uko bikwiriye • Gupima ubushyuhe bw’umubiri wawe ukoresheje igipimo cyo kwa muganga • Kwirinda ibibi by’urumuri n’iby’ubushyuhe 	<p>Gutandukanya ibyumviro by’umubiri w’umuntu no kubifata neza</p>

	Umutwe wa 5 Ubutaka	Umutwe wa 6 Ibimera	
Iyigarurimi	Kuvuga neza amoko y'ubutaka	Kuvuga neza amoko y'ibimera bitandukanye	
Inyunguramagambo	Amazina y'ubutaka	Amazina y'ibimera bitandukanye	
Iyigakubara	-	Ibice bigize ikimera	
Uburyo bw'imyigishirize	Urugendo shuri Ukwiga gushingiye ku ivumbura	<ul style="list-style-type: none"> • Urugendo shuri • Ibiganiro mu matsinda • Ukwiga gushingiye ku ivumbura 	
Isubiramo	Ibiganiro ku moko y'ubutaka n'akamaro kabwo	Ibiganiro byerekeye ibimera bigaragara aho ishuri ryubatse hasuwe	
Isuzuma	<ul style="list-style-type: none"> • Amoko y'ubutaka • Akamaro k'amoko y'ubutaka, • Gusobanura ibyiza by'amazi k'ubutaka 	<ul style="list-style-type: none"> • Gushushanya ikimera no kwerekana ibice byose bikigize • Gushyira ibimera mu matsinda hagendewe ku mumaro wabyo 	
Ibyagezweho mu isomo	<ul style="list-style-type: none"> • Gutandukanya amoko y'ubutaka • Gusobanura akamaro k'ubutaka • Gusobanura akamaro k'amazi n'ak'ubutaka 	Gushobora kwerekana ibice by'ikimera no gushyira ibimera mu matsinda hashingiwe ku mumaro wabyo	

	Umutwe wa 7 Urumuri n'ubushyuhe	Umutwe wa 8 Ibyumviro
	Kuvuga neza amoko atandukanye y'ibitanga urumuri n'ubushyuhe	Kuvuga Ikinyarwanda mu buryo bwiza
	Amazina y'ibitanga urumuri n'ibitanga ubushyuhe	Amazina y'ibyumviro by'umubiri w'umuntu
	Imibare yerekanwa n'igipimo cy'ubushyuhe	Umubare w'ibyumviro by'umubiri w'umuntu
	<ul style="list-style-type: none"> • Urugendo shuri • Ukwiga gushingiye ku ivumbura 	Ukwiga gushingiye ku ivumbura
	Ibiganiro bigendanye n'ibintu bitanga urumuri, ubushyuhe Inkomoko y'igicucu n'umwijima	Ibiganiro byerekeranye n'ibyumviro by'umubiri w'umuntu
	<ul style="list-style-type: none"> • Kurondora ibitanga urumuri n'ibitanga ubushyuhe • Gutandukanya urumuri n'umwijima • Gusobanura inkomoko y'igicucu • Akamaro k'urumuri • Akamaro n'ububi bw'ubushyuhe bwinshi 	<ul style="list-style-type: none"> • Kurondora ibyumviro by'umubiri w'umuntu no kugaragaraza akamaro ka buri gice, • Kuvuga ibyumviro bikorehwa mugutandukanya ibintu biyuranye • Gukora amagerageza atandukanye yerekeye akamaro k'ibyumviro bitandukanye
	Kumenya uburyo bwo gutandukanya urumuri, umwijima n'ubushyuhe Gusobanura inkomoko y'urumuri n'ubushyuhe Kugaragaza isano iri hagati y'urumuri n'ubushyuhe Kugereranya uburebure bw'igicucu Gukoresha neza igipimo cyo kwa muganga	<ul style="list-style-type: none"> • Gutandukanya ibyumviro umubiri w'umuntu • Kuvumbura umumaro wabyo • Gufata neza ibyumviro by'umubiri w'umuntu.

2. Urugero rw'isomo riteguye rishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri

Ishuri:..... Amazina ya umwarimu:.....

Igihembwe	Itariki	Inyigisho	Umwaka wa	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w' abanyeshuri
Igihembwe cya 1	27/01/2017	Ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse	2A	1	4 muri 6	Iminota 40	Abanyeshuri 45
Abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire n'umubare wabo				Ntabo			
Umutwe		Umutwe wa 1: Ibikoresho byo mu rugo no ku ishuri					
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe		Gushobora gukoresha no gufata neza ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo					
Inyito y'Isomo		Gutandukanya ibikoresho byo mu ishuri hashingiwe ku mumaro wabyo					
Intego ngenamukoro		Hifashishijwe ibikoresho biboneka mu ishuri, buri munyeshuri arabasha gutandukanya ibikoresho bikenerwa kenshi ku ishuri hakurikijwe umumaro wabyo, nta na kimwe anyuranyije mu nyito n'umumaro.					
Imiterere y'aho isomo ribera		Iri somo rirabera mu ishuri.					
Imfashanyigisho		Ibikoresho byose biboneka mu ishuri: ikaramu, itushi, ikaramu y'igiti, ikaramu y'igiti y'ibara, ingwa, ingwa y'ibara, uburoso bwo gushushanyisha n'irangi, urupapuro, urubaho, akabati, ububiko bw'ameza, igihanaguzo, amazi, ibifuniko by'amakaye, ibitabo, intebe, imfashanyigisho,					
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe		Minisiteri y'Uburezi (2007), Inyigisho y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse Umwaka wa 2. Igitabo cy'Umunyeshuri. Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, Kigali					

Igihe buri cyiciro kimara	Ubusobanuro bw' igikorwa umwarimu n' umunyeshuri basabwa gukora.		*Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo + Ibisobanuro bigufi
	Muri iri somo, abanyeshuri baritegereza ibikoresho byo mu ishuri, maze nyuma y'ibiganiro mpaka bagirana, bashyire hamwe ibikoresho bifite akamaro kamwe.		
	Ibikorwa bya mwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	
Intangiriro Iminota 6	<ul style="list-style-type: none"> • Guhamagarira abanyeshuri kurondora ibikoresho biri mu ishuri • Kubaza utubazo ku bikoresho biri mu ishuri 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusubiza ibibazo umwarimu ababaza • Kwerekana ibikoresho byo mu ishuri babivuga amazina 	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo</p> <p>Gusabana: abanyeshuri barasabana n'abandi mu biganiro, igihe bibukiranya amazina y'ibikoresho bitandukanye bize mu mwaka wa mbere.</p>

<p>Isomo nyirizina Iminota 25</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Guha abanyeshuri ikibazo nyamukuru: hano mu ishuri twabonyemo ibikoresho byinshi. Ni ibihe bihuje umumaro? • Gushyira abanyeshuri mu matsinda. • Gusaba abanyeshuri kuganira mu matsinda. • Kuyobora abanyeshuri kugirango bavumbure umumaro wa buri gikoresho kiri mu ishuri. • Kugira aho mwarimu yandika ku bijyanye n'abanyeshuri yabonye bafite intege nkeya, ku buryo bizamufasha kwibuka neza ibisubizo/ imyitwarire by'uwo mwana ndetse no kumufasha gusubira ku murongo. 	<ul style="list-style-type: none"> • Kwitegereza ibikoresho biri mu ishuri. • Gukorakora ibikoresho biri mu ishuri. • Gukora ibiganiro mpaka mu matsinda. • Kurobanura ibikoresho hashingiwe ku mumaro wabyo. • Kwegeranya/ kurundarundira hamwe ibikoresho byo mu ishuri bifite umumaro umwe. • Gusubiza ikibazo nyamukuru bagatanga umwanzuro w'isomo. 	<p>Ingingo nsanganyamasomo:</p> <p>Kwita ku bidukikije: mu biganiro biganisha ku bikoresho by'isuku, umwarimu arayobora ibiganiro aganisha no ku kwita ku bidukikije.</p> <p>Umuco wo gukoresha ibipimo: umwarimu araganisha ibiganiro ku kugira umuco wo gukoresha ibipimo mu gihe abanyeshuri bavumbura akamaro k'ibikoresho byo gupima (isaha, imetero, agapimanguni, ...)</p> <p>Ubushobozi nsanganyamasomo</p> <ul style="list-style-type: none"> • Ubushakashatsi: umwarimu arakora ku buryo muri iri somo atoza abanyeshuri gukora ubushakashatsi, bavumbura ibyo batari bazi byerekeranye n'akamaro k'ibikoresho byo ku ishuri. • Gusabana: abanyeshuri barasabana n'abandi mu biganiro, igihe bavumbura akamaro k'ibikoresho bitandukanye byo ku ishuri. • Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima busanzwe: mwarimu arakangurira abanyeshuri kugira ubufatanye mu gihe bari kuvumbura akamaro ka buri gikoresho cyo mu ishuri.
---------------------------------------	---	--	--

<p>Umwanzuro w'isomo Iminota 9</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gukorera ubugororangingo umwanzuro abanyeshuri batanze. • Gusubirishamo abanyeshuri muri rusange, umumaro w'ibikoresho bitandukanye. • Kubaza abanyeshuri (umwe,umwe) amazina y'ibikoresho bitandukanye n'umumaro wabyo. 	<ul style="list-style-type: none"> • Kuvuga muri rusange, ibikoresho byo kwandikaho no kwandikamo, n'uburyo bwo kubifata neza. 	<p>Gusabana: abanyeshuri barasabana n'abandi mu biganiro, igihe bafata umwanzuro w'isomo. Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima busanzwe: mwarimu arakangurira abanyeshuri kugira ubufatanye mu gihe bari kwiga.</p>
<p>Ukwisuzuma kwa mwarimu.</p>	<p>Abanyeshuri bose bashoboye gutandukanya batibeshya ibikoresho biboneka ku ishuri bashingiye ku mumaro wabyo.</p>		

3. Imiterere ya buri mutwe muri iyi nyoborabarezi

Buri mutwe ugizwe n'ibice bikurikira:

- a) Izina ry'umutwe,
- b) Isobanurampamvu'
- c) Ubushobozi bw'ingenzi buteganijwe,
- d) Imfashanyigisho
- e) Uruherekane rw'amasomo
- f) Ubumenyi busabwa mwarimu
- g) Amabwiriza ku myigire n'imyigishirize
- h) Incamake
- i) Ibisubizo ku bibazo by' isuzamabushobozi biri mu gitabo cy'umunyeshuri.

a) **Izina ry'umutwe**

Izina rya buri mutwe rituruka mu nteganyanyigisho, iryo zina kandi ni naryo ryakoreshejwe mu gitabo cy'umunyeshuri.

b) **Isobanurampamvu**

Muri iyi nyoborabarezi, buri mutwe utangirwa n'isobanurampamvu rizafasha umwarimu mu kuvumbura amatsiko y'abanyeshuli. Iri sobanurampamvu rigaragaza ibyo abanyeshuli bazageraho igihe bazaba barangije kwiga uyu mutwe, ndetse n'icyo kwiga ayo masomo bizamumarira mu buzima bwa buri muni. Iri sobanura mpamvu ni na ryo rigaragara mu gitabo cy'umunyeshuri.

c) **Ubushobozi bw'ingenzi buteganijwe**

Nk'uko biteganijwe mu nteganyanyigisho, buri mutwe ufite intego nyamukuru yawo. Iyo ntego ifite izina bwite ry'Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe. Ubu bushobozi bw'ingenzi bugamijwe bwateguwe mu nteganyanyigisho, kandi umwarimu agomba guhora abutekerezwa mu gihe ategura amasomo ye ya buri muni. Ni nabwo kandi bugenderwaho mu isuzumabumenyi rikorwa nyuma ya buri mutwe.

d) **Imfashanyigisho**

Mu nteganyanyigisho hateganijwemo imfashanyigisho hagendewe ku byigwa bitandukanye. Nyamara ariko izi mfashanyigisho zishobora guhinduka bitewe n'aho ishuri rihereye, ibikoresho

biboneka muri ako gace, uburyo igitabo by'umunyeshuri giteguye. Igitabo cy'umunyeshuri giherekeza iyi nyoborabarezi kigaragaza ibikorwa bitandukanye, ibyo bikorwa bikaba bikenera ibikoresho binyuranye. Ni ngombwa rero ko umwarimu yita kuri ibi ibikoresho igihe ari gutegura amasomo ye ya buri muni. Mu gihe mwarimu abonye ko hari imfashanyigisho zari ziteganijwe mu nteganyanyigisho cyangwa mu nyoborabarezi, agomba gutekereza ibindi bikoresho byasimbura ibitabonetse, ku buryo bizamufasha kugera ku ntego z'isomo.

e) Ubumenyi busabwa mwarimu

Kugirango umwarimu abashe kwigisha imitwe itandukanye, asabwa ubumenyi bw'ibanze burenze ibiteganijwe kwigishwa. Iki gice kiyobora umwarimu ku bintu agomba kubanza kwihuguramo kuko biba bizamufasha igihe yigisha adatandukiriye cyangwa se ngo habe hagira ikimusoba. Ni muri uru rwego kandi rwo gufasha umwarimu ko hari ubumenyi bw'inyongera bwagiye bwongerwa muri iyi nyoborabarezi kugirango uyikoreshe abashe kugira amakuru atomoye amufasha kwigisha umutwe runaka.

f) Amabwiriza y'imyigishirize

Nk'uko integanyanyigisho nshyashya ishingiye ku bushobozi ibiteganywa, hari amahame shingiro agomba kwitabwaho: ukwigisha gushingiye ku munyeshuri, ukwigisha gushingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri, uburezi bwita kuri bese, ikoresha ry'ikorabuhanga mu myigire no kwita ku nsanganyamatsiko nsanganyamasomo. Iki gice k'inyoborabarezi kerekana neza umwihariko wa buri somo mu byerekeranye n'imyigishirize.

g) Uruhererekane rw'amasomo

Kuri buri mutwe, integanyanyigisho iteganywa ibyigwa mu buryo bwa rusange. Ni mu nshingano za mwarimu gutegura byimbitse ibyo byigwa ashingiye ku byigwa by'ingenzi bizitabwaho, ibikorwa by'umunyeshuri ndetse n'igihe bishobora gutwara. Muri iyi nyoborabarezi hatanzwemo umuyoboro ushobora gufasha umwarimu mu gutegura amasomo ye, ariko umwarimu agomba kumenya ko ari we ufata icyemezo cya nyuma ku ruhererekane rw'ayo masomo, atagize ikintu na kimwe ahindura giteganijwe n'integanyanyigisho.

h) Incamake

Ku mpera ya buri kigwa mu gitabo cy’umunyeshuri hari ikibazo “**Mvumbuye iki?**” Muri iki gitabo urasangamo kandi kuri buri mutwe, incamake y’ibyo abanyeshuri bagomba kuba bize. Iyo ncamake urayisanga ahanditse “**Mvumbuye ko...**” igaragaza ibyo buri munyeshuri agomba kuba azi nyuma y’amasomo yose ya buri mutwe.

i) Ibisubizo ku isuzuma

Mu gitabo cy’umunyeshuri hateganijwemo ibibazo by’isuzuma ku mpera ya buri mutwe. Muri iyi nyoborabarezi, hateganijwemo ibisubizo by’iryo suzuma. Umwarimu agomba kumenya ko ibyo bibazo atari byo kamara, umwarimu igihe ategura isuzuma agomba gutegura n’ibibazo bye, gusa akagenda ku byiciro bitandukanye by’isuzuma ku buryo isuzuma rizaba koko rigaragaza ko umunyeshuri yateye imbere mu myigire ye, cyane cyane iryo suzuma rikerekana ko buri munyeshuri yabashije kugera ku bushobozi bw’ingenzi bugamijwe (intego nkuru za buri mutwe).

Mu isuzuma umwarimu ntakwiye kwibanda gusa kuri iryo suzumabumenyi rikomatanya (rikorwa nyuma y’igihe runaka, umutwe wose urangije kwigishwa), ahubwo akwiriye guha agaciro kanini cyane isuzuma rinoza imyigire n’imyigishirize, iri rikaba ritangwa muri buri somo. Muri iri suzuma rinoza imyigire n’imyigishirize, umwarimu agomba guteganya ifishi izajya yandikwamo ibivuye muri iryo suzuma rya buri muni kuri buri munyeshuri, iyi fishi ya buri munyeshuri ikazafasha umwarimu gukurikirana buri munyeshuri ndetse no kuganira n’abamurera.

Muri iyi nyoborabarezi, hatanzwe urugero rw’amafishi yakoreshe mu gukusanya amakuru yaturutse mu isuzuma rinoza imyigire n’imyigishirize kuri buri munyeshuri, ndetse no mu isuzuma rikomatanya.

4. **Amabwiriza rusange y'imyigishirize**

Muri iki gitabo k'inyoborabarezi, hagaragaramo umubare w'amasomo ateganijwe kuri buri kibazo nyamukuru .Iki kibazo nyamukuru kiyobora mwarimu kuri buri isomo kandi gifanye isano n'intego z'isomo, ibikorwa by'umunyeshuri n'umwanzuro waryo. Ibi ni ukugirango umwarimu agire ishusho rusange y'uko azategura neza ayo masomo, bikaba byamurinda kuba yatandukira akigisha ibintu byinshi cyangwa se bikeya ugereranyije n'ibyakagombye kwigishwa hashingiwe ku bushobozi bw'abanyeshuri.

Muri iyi gahunda nshyashya yo kwigisha hashingiwe ku bushobozi bw'umunyeshuri, birumvikana ko abanyeshuri aribo bafite uruhare runini mu myigire yabo. Nyamara ariko uruhare rw'umwarimu ruzahora rukenewe kuko agomba kuba umufasha wabo: azabafasha mu kuganira mu matsinda, azasubiza ibibazo byose bashobora kumubaza, azabagira inama, yewe azanabafasha gutekereza ku myanzuro y'amasomo bazaba bize.


Muri iyi nyoborabarezi, uretse aya amabwiriza rusange y'imyigishirize, kuri buri mutwe hateganijwe amabwiriza yihariye.

Muri rusange, iri somo ry'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse rigomba kwigishwa hagendewe ku buryo bwo *kwiga ushingiyeye ku ivumbura*.

4.1 **Imyigire ishingiyeye ku ivumbura**

Muri ubu buryo bushyashya bwo kwiga, umwarimu ahera ku kibazo nyamukuru gifasha abanyeshuri kuvumbura ibyo bagiye kwiga bahereye ku byo basanzwe bazi. icyo kibazo ni cyo kiyobora isomo ryose, kikaba gifitanye isano ya bugufi n'intego z'isomo, ibikorwa by'umunyeshuri ndetse n'umwanzuro w'isomo.

Igishushanyo kiri ku rupapuro rukurikira gisobanura ubwo buryo mu ncamake.



Ubu buryo bw'imyigire n'imyigishirize bushingiye ku ivumbura butangirira ku kibazo nyamukuru kigomba gushakirwa ibisubizo binyuze mu bushakashatsi. Uburyo bw'ubushakashatsi rero bubaho iyo hari ikibazo, hanyuma abantu bagashakisha uburyo butandukanye bwo kubona ibisubizo.

Uburyo bwo kwiga gushingiye ku ivumbura bugizwe n'ibyiciro bine byuzuzanya ari byo:

a. Intego ngenamukoro

Intego ngenamukoro ni intego ikorwa n' umwarimu, ikaba intambwe ya mbere akora iyo ari gutegura isomo rye ry'iminota 40. Intego ngenamukoro ifasha umwarimu gutekereza ku bintu bitanu by'ingenzi azifashisha mu isomo:

1. Gutekereza ku bikoresho bizifashishwa cyangwa aho isomo rizabera (*imfashanyigisho*).
2. Kugaragaza neza uwo umwarimu avuga ko azakora ibyo bikorwa (*umunyeshuri*).
3. Kugaragaza ubushobozi umwarimu ashaka ko abanyeshuri bageraho (*ibikorwa by'umunyeshuri*).
4. Gutekereza ku byigwa umwarimu ashaka ko abanyeshuri biga (*ibygwa*).
5. Kugaragaraza uburyo bwemewe bwo gupima iterambere mu myigire y'umunyeshuri (*isuzuma*).

Ingero:

- **Urugero rwa mbere:** (1) Hifashishijwe ibikoresho biboneka mu ishuri, (2) buri munyeshuri (3) arabasha gutandukanya (4) ibikoresho bikenerwa kenshi ku ishuri hakurikijwe umumaro wabyo, (5) nta na kimwe anyuranyije mu nyito n'umumaro.
- **Urugero rwa kabiri:** (1) Hifashishijwe urupapuro rworoshye, (2) buri munyeshuri (3) arabasha gukora (4) igikinisho gisa n'inyoni (5) akurikije intambwe zose zateganijwe kandi iguruka neza.

b. Ikibazo nyamukuru

Ikibazo nyamukuru ni cyo kigenga isomo ryose. Aha umwarimu agomba gutangiza isomo rye ikibazo abanyeshuri bazagenda bashakira ibisubizo igihe bakora ibikorwa byateguwe. Kigomba kuba gifitanye isano ya hafi n'intego z'isomo, isomo rikarangira abanyeshuri babashije kugisubiza.

Urugero: Mu ishuri ry' inshuke ryo ku kigo cyacu

harimo ibikinisho byinshi. Hari ibikoze mu mpapuro, mu tujerekani, mu biti, muri purasitike, ... inyoni na zo ziboneka muri ibyo bikinisho, zikoze muri purasitike cyangwa mu rubaho. None se, ni gute wakora inyoni mu rupapuro?

c. Ibikorwa bya buri munyeshuri

Ibi bikorwa bigomba kuba bishingiye ku ivumbura. Mwarimu agomba gutegura ibibazo bitandukanye bijyanye n'isomo maze akareka abanyeshuri bakagerageza kuvumbura ibisubizo

biciye mu bikorwa bifatika bakora: kwitegereza, gukora ibiganiro mu matsinda, kugereranya, gusoma ibitabo, gupima, gusobanura, gukata, kuzinga, kubumba, ... Ibyo bikorwa by'abanyeshuri nibyo bituma babasha kugera ku mwanzuro w'isomo (bakora ishakashaka), bagerageza gusubiza ikibazo nyamukuru.

d. Umwanzuro w'isomo

Abanyeshuri ni bo bashakisha umwanzuro bahereye ku byo bishakishirije, umwarimu we icyo akora ni uguha ubugororangingo umwanzuro abanyeshuri bagezeho: ashobora kugira ibyo abongereraho cyangwa akagira ibyo akura mu mwanzuro wabo kugira ngo uhure neza n'icyari kigambiriwe kwigwa. Uwo mwanzuro ugomba kuba igisubizo cy'ikibazo nyamukuru kandi intego z'isomo ziba zagezweho iyo abanyeshuri bese babashije kugera ku umwanzuro w'iryo somo.

4.2 Ibindi umwarimu agomba kwitaho

Mu gutegura isomo rye rya buri munsu, umwarimu agomba kwita by'umwihariko kuri ibi bintu bikurikira:

- ***Kumenya abanyeshuri bafite, ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo n'umubare wabo:***
 - Abana bafite ubumuga bw'ingingo
 - Abana bafite ubumuga bwo mu bwonko
 - Abana bagaragaza ubuhanga budasanzwe
- ***Gutekereza ku ngingo nsanganyamasomo (crosscutting issues) zizitabwaho mu isomo ari gutegura:***
 - Ubuzima bw'imyororokere
 - Kwita ku bidukikije
 - umuco w'amahoro n'indangagaciro
 - Umuco w'ubuziranenge
 - Uburezi budaheza
 - Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi.
 - Ubumenyi kuri Jenoside
 - Uburezi ku kwizigamira

- ***Gutekereza ku bushobozi nsanganyamasomo buzatezwa imbere mu isomo:***
 - Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo
 - Guhanga udushya
 - Ubushakashatsi
 - Gusabana
 - Ubufatanye, imibanire ikwiye n’abandi n’ubumenyi ngiro mu buzima busanzwe
 - Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi
- ***Kwirinda gusobanura cyane ibyo abanyeshuri bagomba kwivumbarira:***Mwarimu agomba gutegura ibibazo bituma abanyeshuri batekereza cyane kandi bagakora, aho gutega amatwi ibisobanuro bya umwarimu gusa. Umwarimu kandi agomba kwirinda gutanga amabwiriza abanyeshuri bagomba gukurikiza buri gihe, ahubwo akwiye kuba umwunganizi w’abanyeshuri akareka akaba aribo bagira uruhare runini mu myigire yabo.
- ***Kwita ku myigire n’imyigishirize*** bidaheza: Igihe cyose mwarimu agomba kureba uburyo afasha abanyeshuri bafite ubumuga butandukanye n’abandi bakeneye ubufasha bwihariye. Bagakora ibikorwa nk’ibyo bagenzi babo batabufite bagomba gukora. Aha twavugaga nk’igihe abanyeshuri basabwa kwitegereza amashusho bagasubiza ibibazo byayabajijweho, umwarimu agomba gusaba abanyeshuri babona gusobanurira abafite ubumuga bwo kutabona ibigaragara ku mashusho kugira ngo na bo babashe kugira uruhare mu gushakira ibisubizo by’ibibazo byayabajijweho. Aho bishoboka, umwarimu agomba gushakira abo banyeshuri imfashanyigisho zifatika zisimbura ayo mashusho kugirango babashe kuzikorakora. Uru ni urugero rumwe rurebana n’abafite ubumuga bwo kutabona, ariko igihe mu ishuri harimo abandi banyeshuri bafite ubumuga butandukanye mwarimu agomba kureba uburyo na bo bashyirwa mu gikorwa kimwe n’icya bagenzi babo.
- ***Gutegura amasomo no kuyobora abanyeshuri mu myigire yabo:*** muri iyi nyoborabarezi hateganijwe urugero rw’isomo rugaragaza uburyo bukwiriye mu myigire ishingiyeye ku ivumbura.
- ***Ni ryari isomo rishobora gusubirwamo?***

Iyo abanyeshuri batabashije kugera ku ntego, mwarimu afite uburenganzira bwo gufata umwanzuro wo gusubiramo isomo ryose, akabanza agatekereza neza impamvu iryo somo ritari ryageze ku ntego. Yibaza ibibazo bikurikira:

- Ese intego nihaye ziri ku rugero rw'abanyeshuri?
- Ese ibyo kwiga nateganiye birakwiriye?
- Ese imfashanyigisho zari ziberanye n'ibygwa ndetse n'urugero rw'abanyeshuri?
- Isomo se ryabereye ahaberanye na ryo?
- Ese nateganiye ibikorwa by'umunyeshuri bikwiranye n'iri somo?
- Ese nzabwirwa n'iki ko buri munyeshuri yageze ku ntego nifuzwa?

Ibyo bibazo bimufasha kuba yafata umwanzuro w'ibyo agomba gukosora.

5. Amabwiriza rusange y'isuzuma

Integanyanyigisho nshyashya ishingiyeye ku bushobozi bw'umunyeshuri iteganya uburyo butanu bw'isuzuma: (1) isuzuma rikorerwa mu ishuri, (2) ku rwego rw'ikigo (3) ku rwego rw'akarere (4) isuzuma ryo kureba ibyagezweho mu myigire mu mashuri yo mu Rwanda (5) ibizamini bya Leta. Muri iyi nyoborabarezi turibanda cyane cyane ku isuzuma rikorerwa mu ishuri, naryo rigabanijemo ibyiciro bibiri: Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize n'isuzuma rikomatanya.

a) Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize

Iri ni isuzuma rikorerwa buri muni, aho mwarimu akusanya amakuru yose ajyanye n'iterambere ry'umunyeshuri mu myigire ye, yerekana ubushobozi umwana yagezeho. Mu ishuri hagomba gusuzumwa ibi bikurikira:

- **Ubumenyi:** Ese buri munyeshuri yumvise ibyigishijwe? icyerekana ko ubumenyi bwagezweho ni ibisubizo bidafite amakosa n'ibitekerezo biri ku murongo kandi bifite ireme.
- **Ubumenyigiro:** Ese buri munyeshuri afite ubushobozi bwo gukora ibikorwa bifatika byizwe mu isomo?

Igipimo cyabyo ni uko buri munyeshuri mu byo yasabwe gukora atibeshya mu gupima, akoresha uburyo/inzira zateganijwe, abikora yihuta kandi neza, no kuba ibyo yakoze bifite ubudakemwa mu ishusho.

- **Ubukeshya:** Ese umunyeshuri hari icyo iri somo ryamumariye mu myitwarire ye? Igipimo cyabyo ni uburyo umunyeshuri yakira umurimo/igikorwa ahawe gukora, uburyo atekereza, uburyo akoresha intoki ze mu gukora ibyo yahawe, uburyo atinubira umurimo, ...
- Kugira ngo mwarimu abashe kubika amakuru kuri buri mwana, ni ngombwa ko habaho ifishi kuri buri munyeshuri. Iyo fishi ishobora kuba mu byiciro bibiri:
- Ifishi yifashishwa buri munsu, harebwa niba buri munyeshuri yabashije kubona ubushobozi bukwiriye
- Ifishi ikoreshe mu guha ababyeyi amakuru ajyanye n'imyigire ya buri munsu kuri buri munyeshuri.

Urugero rwa mbere rw'ifishi yakoresheya mu isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize mu birebana n'ubushobozi nsanganyamasomo

Amazina y'umunyeshuri:

Isomo & Umwaka yigamo:

Ubushobozi nsanganyamasomo	Ingingo zigenderwaho mu isuzuma	Byiza cyane (Intego zose zagenzweho)	Byiza (Intego zose ntizagenzweho)
Gusabana	Ashobora gusobanura adategwa, yaba avuga cyangwa yandika akoresheje imvugo ikwiye, ahuza ibyo yize n'ubuzima busanzwe.		
	Ashobora gukora inyandikomvugo yumvikana kandi yuzuye ukur.		
Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo	Ashobora gutekereza byimbitse kandi akoresheje ubusesenguzi kubyo yize.		
Ubushakashatsi no gukemura ibibazo byo mu buzima	Ashobora kugaragaza ibitekerezo bishyashya ashingiye kubyo yize cyangwa se kubisanzwe bizwi bityo akabasha kuba yabona ibisubizo by'ibibazo byaba byagaragaye.		
Guhanga udushya	Ashobora gutekereza birenze ubumenyi yahawe murwego rwo kuvumbura ibitekerezo bishyashya no guteza imbere imyigire ye		

Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima busanzwe	Ashobora gukorera hamwe na bagenzi be ndetse akuzuzanya nabo		
	Guha agaciro ibitekerezo n'uburenganzira by'abandi no kwemera kunengwa ariko byubaka		
	Ashobora kumvikana na bagenzi be mu gikorwa cyose baba basabwe gukora		

Urugero rwa kabiri rw'ifishi yakoresheye mu isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize

Amazina y'umunyeshuri:

Isomo & Umwaka yigamo:

Amatariki	Ibyagaragaye mu myigire no mu myitwarire y'umunyeshuri	Ingamba zikwiriye gufatwa	Icyo umubyeyi / umurezi abivugaho

b) Isuzuma rikomatanya

Iri ni ryo suzuma rimenyereye cyane, rikorwa mu mpera y'umutwe, igihembwe, umwaka cyangwa ikiciro. Iri suzuma rikomatanya rigamije kureba intera umunyeshuri agezeho, rigaragaza ishusho y'ubushobozi umunyeshuri amaze kugeraho mu gihe runaka kihariye. Intego y'ibanze y'isuzuma rikomatanya ni ugusuzuma niba ubushobozi bugamijwe bwaragezweho. Ibivuye mu isuzuma rikomatanya bishingirwaho mu gufata ikemezo cyo gukomeza ku ntera yisumbuye mu myigire y'umunyeshuri nko kwimurirwa mu kiciro gikurikira cyangwa guhabwa impamyabushobozi.

c) Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma no gusangiza ababyeyi ibyavuye mu isuzuma

Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma ni ugukusanya ibigaragaza ko isuzuma ryakozwe no kubiha agaciro hagendewe ku bipimo byagenwe mbere. Uburyo ubwo ari bwo bwose bwaba bwakoreshejwe mu isuzuma bugomba gutanga amakuru abarwa mu manota yandikwa cyangwa hakoreshejwe ibindi bipimo (*urugero: umwana aratera imbere neza, afite imbaraga nkeya muri iki kigwa, umwana akeneye ubufasha bwihariye bwihutirwa, ...*), bikabikwa neza ku buryo hagaragazwa intambwe igenda iterwa mu myigire. Ibyavuye mu isuzuma kandi bishingirwaho n’umwarimu mu gihe atanga inama ku banyeshuri n’ababyeyi

Mu isuzuma rinoza imyigire n’imyigishirize, mwarimu agomba kumenya umunyeshuri utabashije kugera ku ntego z’isomo rye, akaba yamufasha kuzigeraho abicishije:

- Mu mukoro w’umwihariko umwana atahana mu rugo, akagomba kuwukorana n’abandi baturanye cyangwa ababyeyi be ngo bamufashe gusobanukirwa neza ibyo atabashije kumenya
- Mu kumugenera inyigisho yihariye, abicishije mu myitozo atanga mu ishuri
- Mu gusubiramo isomo ku banyeshuri bose

Amabwiriza yihariye agendanye no kwigisha ndetse no gukora isuzuma kuri buri mutwe yasobanuwe neza mu gice gikurikira.

1.1 Isobanurampamvu

Igihe kinini cy'ubuzima bwawe ukimara ku ishuri no mu rugo. Ukenera ibikoresho binyuranye mu mirimo ikugomba. Birakwiye ko umenya buri gikoresho, umumaro wacyo mu buzima bwa buri munsu n'uburyo bwo kugikoresha, kugisukura no kukibika neza.

1.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gushobora gukoresha no gufata neza ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo.

1.3 Imfashanyigisho

Ikaramu, itushi, ikaramu y'igiti, ikaramu y'igiti y'ibara, ingwa y'umweru, ingwa y'ibara, uburoso bwo gushushanyisha n'irangi, urupapuro, urubaho, akabati, ububiko bw'ameza, igihanaguzo, amazi, ibifuniko by'amakaye, ibitabo, intebe, imfashanyigisho, ameza, amasahani, inkono, amasafuriya, amakanya, ibikombe, ibisorori, isekuru, ikaneti, uruho, umweyo, igitebo, umukoropesho, udutambaro tw'isuku, isuka, inshyamuro, majagu, ingorofani, akabati, ububiko bw'ameza, inkangara, ibyibo, umuhoro, imyambaro, icyuma, ipasi, umuhoro ...

1.4 Uruhererekane rw'amasomo

Uyu mutwe ugizwe n'amasomo 6 ajyanye n'ibibazo nyamukuru 4 bigaragara mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 1, 9, 11 na 14. Buri somo kandi rimara iminota 40

Imbonerahamwe y'uruhererekane rw'amasomo

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
<p>1. Ibikoresho byo mu gikoni n'ibikoresho byo kuriraho</p> <p>2. Ibikoresho byo guhinga, iby'isuku n'ibindi bikoresho byo mu rugo</p>	<p>Ibikoresho dusanga mu rugo bimaze iki?</p> <p>Igitabo cy'umunyeshuri p1-9.</p>	<p>Gutandukanya / kuvangura ibikoresho bikenerwa kenshi mu rugo hakurikijwe umumaro wabyo</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kwitegereza/gukorakora ibikoresho bitandukanye bikoreshwa mu rugo • Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura amazina n'umumaro w'ibikoresho biboneka mu rugo
<p>3. Gufata neza ibikoresho byo mu rugo</p>	<p>Ni gute twafata neza ibikoresho byo mu rugo?</p> <p>(isomo 1, iminota 40)</p> <p>Igitabo cy'umunyeshuri p9-11</p>	<p>Kwirinda impanuka zishobora guterwa n'ibikoresho byo mu rugo, kubifata neza, kubyandurura no kubibika uko bikwirirye</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gusukura ibikoresho bitandukanye byo mu rugo

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
<p>4. Ibikoreho kwandika ,gushushanya no kubika</p> <p>5. Ibikoreho byo gusukura n'ibindi.</p>	<p>Ibikoreho dusanga ku ishuri bimaze iki?</p> <p>(isomo 1, iminota 40)</p> <p>Igitabo cy'umunyeshuri p11-14..</p>	<p>Gutandukanya / kuvangura ibikoreho bikenerwa kenshi ku ishuri hakurikijwe umumaro wabyo</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kwitegereza/ gukorakora ibikoreho bitandukanye bikorehwa ku ishuri • Gukora ibiganiro no kujya impaka mu matsinda hagamijwe kuvumbura amazina n'umumaro w'ibikoreho biboneka ku ishuri
<p>6. Gufata neza ibikoreho byo mu ishuri</p>	<p>Ni gute twafata neza ibikoreho dusanga ku ishuri?</p> <p>(isomo 1, iminota 40)</p> <p>Igitabo cy'umunyeshuri p14-15..</p>	<p>Gufata neza ibikoreho bitandukanye byo ku ishuri no Kwandurura no kubika ibikoreho bitandukanye byo ku ishuri</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gusukura ibikoreho bitandukanye byo ku ishuri

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
7. Isuzuma	(isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri p16-17	Gushobora gukoresha no gufata neza ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo	<ul style="list-style-type: none"> • Guhuza amazina n'amashusho y'ibikoresho n'akamaro kabyo • Gufunika ikaye • Koza isahane ukoresheje isabune n'amazi. • Kumesha neza umuswari

1.5 Ubumenyi busabwa umwarimu

Umwarimu kugira ngo yigishe aya masomo agomba kuba azi neza amazina y'ibikoresho byo mu rugo no ku ishuri, akaba anasobanukiwe uburyo bwo gukorera isuku ibyo bikoresho hatangijwe ibidukikije

1.6 Amabwiriza ku myigire

Umutwe wa mbere ugomba kwigishirizwa hanze y'ishuri no mu ishuri, bitewe n'uko mwarimu azabigena. N'ubwo mu gitabo cy'umunyeshuri harimo ibishushanyo bijyanye n'ibikoresho byo ku shuri n'ibyo mu rugo, ntabwo ibi bishushanyo bigomba gusimbura ibikoresho bifatika biri mu ishuri, cyangwa biri mu rugo, abanyeshuri bashobora kuzana bigakoreshwa mu ishuri.

Umwarimu kandi akwiriye kwita ku byo umunyeshuri asanzwe azi, kandi akamuha uruhare runini mu myigire ye. Nko mu isomo ku isuku y'ibikoresho byo mu rugo cyangwa byo ku ishuri, umwarimu ntakwiriye kuba ari we ubisukura, ahubwo yerekera buri munyeshuri, ashingiye ku byo asanzwe azi, isomo rikarangira buri mwana abashije kugera ku ntego zaryo.

Urugero: Isomo rya 3: gufata neza ibikoresho byo mu rugo

Imyigishirize ikwiriye

- Mwarimu atuma abanyeshuri ibikoresho bitandukanye byo mu rugo.
- Mwarimu aratanga *ikibazo nyamukuru* ku banyeshuri bose, bageraze gutanga ibisubizo. Urugero: *Umubyeyi wa Muhire buri gihe iyo amaze kugaburira abana be, yoza ibyombo. Muhire buri gihe avuga ko atazi koza ibyombo, ko adashobora kubyoza. Ese wowe iyo uri iwanyu mu rugo, woza amasahane gute?*
- Mwarimu asobanurira abanyeshuri ibikurikizwa mu koza isahani, kuyunyuguzwa ndetse no kuyumutsa.
- Mwarimu asaba abana gusukura ubwoko bw'igikoresho kimwe kimwe, abaze abandi bana niba uburyo babisukuyemo ari bwo bukwiriye, maze baganire uburyo bashobora kugisukura neza.
- Buri munyeshuri arasukura igikoresho yazanye, mwarimu arebe niba buri mwana agisukura uko bikwiye, aho biba ngombwa yerekere umwana abona utabikora uko byavuzwe mu ruhamwe mbere.
- Abanyeshuri baraganira batange umwanzuro w'isomo.
- Abanyeshuri baratahana bya bikoresho basukuye babitwaye ku buryo bitandura, kandi bahabwe umukoro wo kujya basukura ibikoresho biri mu rugo iwabo buri gihe.







1.7 Incamake

Buri munyeshuri agomba kuba abasha kwerekana ko yize kandi asobanukiwe mu buryo bwimbitse ibyo yigishijwe / yavumbuye muri uyu mutwe. Mbese agasubiza ikibazo “Uvumbuye/ushoboye iki nyuma y’iri somo?”

1.8 Ibisubizo ku bibazo by’ isuzuma biri mu gitabo cy’umunyeshuri, urupapuro 16-17

Ikibazo cya mbere:

Gisubizwa buri munyeshuri abanza kwandika mu ikayi y’imyitozo inyito y’ibikoresho asanga mu imbonerahamwe, maze agahuza igikoresho, umumaro wacyo ndetse n’itsinda ry’ibikoresho.

	Igikoresho		Umumaro wacyo		Itsinda ry'igikoresho
a	Ikaramu 		Kuriraho		Mu rugo
b	Isahane 		Gusekura isombe		
c	Intebe y'umunyeshuri 		Kwicaraho		Ku ishuri
d	Isekuru 		Guteka ho		
e	Firigo 		Kwandikisha		
f	Ishyiga rya canarumwe 		Kubika ibiribwa n'ibinyobwa		

Ikibazo cya kabiri:

Buri munyeshuri arerekana ibikoresho yasukuye/yafashe neza (ikaye yafunitse, isahane yogeje ndetse n'umuswari yameshe). umwarimu kugira ngo amenye ko byakozwe neza, ntabwo ategereza kureba niba ikaye ifunitse neza nyuma, ahubwo agomba gukurikirana intambwe zose zo kuyifunika, akareba niba zakurikijwe kuri buri munyeshuri. Ni kimwe no koza isahane ndetse no kumesa umuswari.

Ikibazo cya gatatu:

Ikarita imanitse mu ishuri iyo igiye ho ivumbi, ndayimanura maze nkayogesha amazi n'isabune maze nkayumutsa. **SIBYO.**

Ibitabo byashaje turabijugunya cyangwa tukabitwika kuko biba byanduye cyane. **Sibyoy.**

Mu gusukura isuka ngomba kubanza nkayoza n'amazi menshi, narangiza nkayumutsa nkayibika yumutse kugirango nyirinde umugese. **Nibyoy.**

2.1 Isobanurampamvu

Uyu mutwe uragaha ubushobozi bwo kwikorera ibikinisho n'imfashanyigisho waguraga mu maduka. Ibyo bikoresho uzabikenera mu buzima bwawe bwa buri munsu, mu mikino ndetse no mu masomo wiga.

2.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gukora ibikinisho/ibikoresho binyuranye n'imfashanyigisho.

2.3 Imfashanyigisho

Umukasi, urwembe, impapuro, ibikenyeri, imikebyo y'ibikenyeri, uduti, ibikarito, agacupa k'amazi gato gapfundikiye, udufuniko tw'amacupa, agapapuro gafatanyizindi (papier collant), ibumba n'umucanga muto, amazi, ...

2.4 Uruhererekane rw'amasomo

Uyu mutwe ugizwe n'amasomo 8 ajyanye n'ibibazo nyamukuru 7 bigaragara mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 18, 20, 21, 23, 24, 26 na 28.

Imbonerahamwe y'uruhererekane rw'amasomo

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
1. Gukora inyoni mu rupapuro	Ni gute wakora inyoni mu rupapuro? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri p18-19	Gukora inyoni mu rupapuro	<ul style="list-style-type: none"> • Kwegeranya ibikoresho bikenewe • Kwitegereza no kwigana intambwe zose zo gukora inyoni mu rupapuro • Gukora inyoni mu rupapuro ntawe uri kumwerekera
2. Gukora kare n'urukiramende mu rupapuro	Ni gute wakora kare n'urukiramende mu mpapuro? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri p20-21	Gukora kare n'urukiramende mu rupapuro	<ul style="list-style-type: none"> • Kwegeranya ibikoresho bikenewe • Kwitegereza no kwigana intambwe zose zo gukora kare n'urukiramende mu rupapuro • Gukora kare n'urukiramende mu rupapuro ntawe uri kumwerekera

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
3. Gukora imodoka mu bikenyeri	Ni gute wakora imodoka mu bikenyeri? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri p21-22	Gukora imodoka mu bikenyeri	<ul style="list-style-type: none"> • Kwegeranya ibikoresho bikenewe • Kwitegereza no kwigana intambwe zose zo gukora imodoka mu bikenyeri • Gukora imodoka mu bikenyeri ntawe uri kumwerekera
4. Gukora agakinisho kaguruka budege mu icupa rya parasitike ririmo ubusa	Ni gute wakora agakinisho kaguruka budege mu icupa rya parasitike ririmo ubusa? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri p23-24	Gukora agakinisho kaguruka budege mu icupa rya parasitike ririmo ubusa	<ul style="list-style-type: none"> • Kwegeranya ibikoresho bikenewe • Kwitegereza no kwigana intambwe zose zo gukora agakinisho kaguruka budege mu icupa rya parasitike ririmo ubusa • Gukora agakinisho kaguruka budege mu icupa rya parasitike ririmo ubusa ntawe uri kumwerekera

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
5. Gukora isaha yo kumanika mu ishuri mu bikarito	Ni gute wakora isaha yo kumanika mu ishuri mu bikarito? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri p24-25	Gukora isaha yo kumanika mu ishuri mu bikarito	<ul style="list-style-type: none"> • Kwegeranya ibikoresho bikenewe • Kwitegereza no kwigana intambwe zose zo gukora isaha yo kumanika mu ishuri mu bikarito • Gukora isaha yo kumanika mu ishuri mu bikarito ntawe uri kumwerekera
6. Kubumba ishusho isa n'ihene mu ibumba	Ni gute wabumba ishusho isa n'ihene mu ibumba? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri p26-27	Kubumba ishusho isa n'ihene mu ibumba	<ul style="list-style-type: none"> • Kwegeranya ibikoresho bikenewe • Kwitegereza no kwigana intambwe zose zo kubumba ishusho isa n'ihene mu ibumba • Kubumba ishusho isa n'ihene mu ibumba ntawe uri kumwerekera

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
7. Kubumba ishusho isa n'inyoni mu ibumba	Ni gute wabumba ishusho isa n'inyoni mu ibumba? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri p28-29	Kubumba ishusho isa n'inyoni mu ibumba	<ul style="list-style-type: none"> • Kwegeranya ibikoresho bikenewe • Kwitegereza no kwigana intambwe zose zo kubumba ishusho isa n'inyoni mu ibumba • Kubumba ishusho isa n'inyoni mu ibumba ntawe uri kumwerekera
8. Isuzuma	Isomo 1, iminota 40 Igitabo cy'umunyeshuri p 30	Gukora ibikinisho / ibikoresho binyuranye / n' imfashanyigisho	<ul style="list-style-type: none"> • Mu minota 40, buri munyeshuri arakora byibura kimwe mu bikinisho yize gukora/kubumba

2.5 Ubumenyi busabwa mwarimu

Umwarimu kugira ngo yigishe aya masomo agomba kuba azi gukora cyangwa kubumba ibikoresho n'ibikinisho biteganijwe mu nteganyanyigisho, anasobanukiwe uko ibyo bikoresho byitabwaho kugira ngo bitangirika, ndetse n'uburyo bibikwa.

Umwarimu arasabwa kandi kumenya gukoresha ibikoresho cyangwa ibikinisho abanyeshuri bakoze, abikoresha mu yandi masomo. Urugero: gukora isaha yo kumanika mu ishuri mu bikarito bizifashishwa mu isomo ry'imibare; gukora agakinisho kaguruka budege gashobora kwifashishwa mu kwiya umuyaga, n'ibindi.

2.6 Amabwiriza y'imyigishirize

Umwarimu agomba gukora ku buryo buri munyeshuri abasha gukora igikinisho kigambiriwe, byibura kimwe kuri buri bwoko. Agomba kwirinda kuvuga amagambo menshi atajyanye n'ibikorwa, ahubwo akerekera abana uko babikora. Ibikorwa bya mwarimu bigomba kuba biha uruhare rugaragara umunyeshuri mu ku kugira ubushobozi bigashingira ku byo umwana asanzwe azi.

Urugero:Isomo rya 1: gukora igikinisho gisa n'inanyi mu rupapuro gitabo cy'umunyeshuri urupapuro 18-19

Imyigishirize ikwiriye

- Umwarimu abaze abanyeshuri uwaba azi gukora igikinisho gisa n'inanyi mu rupapuro, maze ubizi aze abikorere imbere y'abandi, mwarimu arebe niba uburyo abikora ari bwo buryo yateganiye ko bikorwa.
- Mwarimu aratanga amabwiriza y'uko igikinisho gisa n'inanyi gikorwa ashingiye ku ntambwe uwo mwana yerekanye.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gufata urupapuro buri wese, maze bagende bigana ibyo mwarimu ari gukora, intambwe ku yindi, kandi mwarimu akareba niba buri mwana yabashije kubikora uko abyifuzaga, nta ntambwe n'imwe asimbutse: “dufata urupapuro gutya
..., turuzinge mo kabiri mu ruhande rurerure, ...”

- Umwarimu arasaba abanyeshuri guhambura inyoni bakoze maze basubiremo ntawe uberekereye, bakurikira imiguno y’urupapuro yaremwe mbere, mwarimu akagenda yerekerera abo abona bafite ikibazo.
- Byaba byiza abana babashije gukora inyoni zirenze imwe, kandi izo nyoni zikaba zikozwe mu buryo mwarimu yifuza.

Umunyeshuri we uretse kuba akurikirana umuyoboro ahabwa na mwarimu, agomba no kwitegereza neza intambwe zo gukora ibikinisho/imfashanyigisho ziri mu gitabo cy’umunyeshuri kuri buri somo.

2.7 Incamake

Buri munyeshuri agomba kuba abasha kwerekana ko yize kandi gukora neza ibyo yigishijwe (yavumbuye) muri uyu mutwe. Mbese agasubiza ikibazo **“Ushoboye iki nyuma y’iri somo?”**

2.8 Ibisubizo ku isuzuma biri mu gitabo cy’umunyeshuri, urupapuro rwa 30

1. Amasomo yose agize uyu mutwe wa kabiri (Ibikinisho, ibikoresho binyuranye n’imfashanyigisho) ni amasomo asaba ubumenyi ngiro bugaragarira amaso ya buri wese, kuko buri somo rigomba kurangira buri munyeshuri abasha kwerekana igikoresho/igikinisho yabashije kwikorera ubwe, agendeye ku ntambwe yerekerewe/yasobanuriwe na umwarimu.

Ikibazo kibanza (cya mbere) kirasaba ko umunyeshuri yikorera igikinisho ubwe, kikagaragarira amaso. Umwarimu agomba kureba niba:

- Buri gikinisho gisa n’icyo mwarimu yifuzaga,
- Buri gikinisho cyakozwe hakurikijwe intambwe zasobanuwe mu isomo,
- Umunyeshuri yitaye ku nama yagiriwe zijyanye n’umutekano we cyane cyane ko bimwe mu bikoresho biba bishobora kumukomeretsa.

Mu bikorwa bikurikira, buri munyeshuri arahitamo bibiri bimunyuze maze abikore:

- a) Kora inyoni mu rupapuro.
- b) Kata urupapuro ukoremo (a) kare, (b) urukiramende.
- c) Kora agakinisho kaguruka budege mu bikenyeri, uduti n'impapuro.
- d) Kora isaha yo kumanika mu ishuri mu bikarito.

2. Kuzurisha amagambo akwiriye mu nteruro

- a) Mu gutegura ibumba rikorwamo ibikinisho, uvanga ibumba, **umucanga** n'amazi ku buryo binoga cyane.
- b) Icupa rya purasitike rishobora kuvamo igikinisho kiguruka budege.
- c) Iyo dukoresha umukasi, icyuma cyangwa urwembe tugomba kwirinda kwikomeretsa.
- d) Kare ni ikinyampande enye gifite impande enye zose zingana kandi gifite imfuruka enye zingana kandi zigororotse.

3.1 Isobanurampamvu

Mudasobwa ni igikoresho gikoreshwa henshi mu buzima bwa buri muni.

Uyu mutwe uzagufasha kuvumbura no gutandukanya ibice by'ingenzi bya mudasobwa, kumenya umumaro wabyo no kwitwararika mu buryo bwo kuyikoresha mu ishuri no mu rugo, no kumenya ingaruka zo gukoresha nabi mudasobwa

3.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutandukanya ibice by'ingenzi bya mudasobwa no kwitwararikira uburyo bwo kuyikoresha

3.3 Imfashanyigisho

Mudasobwa XO

3.4 Uruhererekane rw'amasomo

Uyu mutwe ugizwe n'amasomo **12** ahanganye n'ibibazo nyamukuru **5** bigaragara mu gitabo cy'umunyeshuri cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **31, 33, 35, 36** na **38**.

Imbonerahamwe y'uruhererekane rw'amasomo

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
<p>1. Ibice by'ingenzi bigaragara inyuma bya mudasobwa (desktop)</p> <p>2. Ibice by'ingenzi bigaragara inyuma bya mudasobwa (laptop isanzwe)</p> <p>3. Ibice by'ingenzi bigaragara inyuma bya mudasobwa (XO Laptop)</p>	<p>Ni ibihe bice by'ingenzi bigaragara inyuma kuri mudasobwa dukoresha ku ishuri? (amasomo 3, iminota 40 x 3)</p> <p>Igitabo cy'umunyeshuri pp 31-32</p>	<p>Gutandukanya ibice bya mudasobwa bigaragara inyuma</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kwitegereza mudasobwa • Kugira ibiganiro mu matsinda

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
<p>4. Akamaro k'ibice by'ingenzi bigaragara inyuma bya mudasobwa (desktop)</p> <p>5. Akamaro k'ibice by'ingenzi bigaragara inyuma bya mudasobwa (XO Laptop)</p>	<p>Ni uwuhe mumaro w'ibice bigaragara inyuma kuri mudasobwa nkoresha ku ishuri?</p> <p>(amasomo 2, iminota 40 x 2)</p> <p>Igitabo cy'umunyeshuri p 33-34</p>	<p>Gusobanura umumaro w'ibice bya mudasobwa bigaragara inyuma</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kwitegereza mudasobwa • Kugira ibiganiro mu matsinda • Kwitegereza ibyo mwarimum akora mu gihe ari gukoresha mudasobwa imbere y'abanyeshuri

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
<p>6. Gukoresha mudasobwa mu buryo buboneye</p> <p>7. Ingaruka zo gukoresha no gufata nabi mudasobwa</p>	<p>Ni gute twafata neza mudasobwa dukoresha ku ishuri?</p> <p>(amasomo 2, iminota 40 x 2)</p> <p>Igitabo cy'umunyeshuri pp 35-36.</p>	<p>Gukurikiza uburyo bwo kwirinda impanuka zikomoka ku gukoresha nabi mudasobwa no Kugira akamenyero ko kwita kuri mudasobwa akoresha ku ishuri</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gukora imyitozo / amagerageza yo gusukura, kubika, gucomeka, ... mudasobwa • Gukora ibiganiro • mu matsinda
<p>8. Uburyo bwiza bwo kwicara imbere ya mudasobwa (1)</p> <p>9. Uburyo bwiza bwo kwicara imbere ya mudasobwa (2)</p>	<p>Ni ubuhe buryo buboneye bwo kwicara ukoresha mudasobwa?</p> <p>(amasomo 2, iminota 40 x 2)</p> <p>Igitabo cy'umunyeshuri p36-37</p>	<p>Kwicara neza mu gihe ukoresha mudasobwa</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Imyitozo yo kwicara mu buryo bukwiye imbere ya mudasobwa • Kwitegereza • ibishushanyo • Kuganira mu matsinda ibishobora kwangiza ubuzima biturutse mu gukoresha nabi mudasobwa

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
<p>10. Ingaruka zikomoka ku kwicara nabi ukoresha mudasobwa (1)</p> <p>11. Ingaruka zikomoka ku kwicara nabi ukoresha mudasobwa (2)</p>	<p>Ni izihe ngaruka zikomoka ku kwicara nabi ukoresha mudasobwa? (amasomo 2, iminota 40 x 2) Igitabo cy'umunyeshuri p38-39.</p>	<p>kwirinda ingaruka zikomoka ku kwicara nabi ukoresha mudasobwa no Kwitwararika mu kwicara buri gihe agiye gukoresha mudasobwa</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kwitegereza ibishushanyo • Gukora ibiganiro mu matsinda
<p>12. Isuzuma</p>	<p>Isomo 1, iminota 40 Igitabo cy'umunyeshuri p39-40.</p>	<p>Gutandukanya ibice by'ingenzi bya mudasobwa no kwitwararika uburyo bwo kuyikoresha</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kwerekana uburyo bwo kwicara mu buryo bukwiye imbere ya mudasobwa • Kwitegereza mudasobwa no gusobanura umumaro w' ibice byayo • Gusobanura uburyo mudasobwa igomba kwitabwaho

3.5 Ubumenyi busabwa mwarimu

Umwarimu kugira ngo yigishe aya masomo agomba kuba afite ubumenyi buhagije ku byerekeranye no gukoresha mudasobwa. Kugira ngo abanyeshuri babashe kugira ubumenyi, ubumenyi ngiro n’ubukeshya bukwiye mu bijyanye n’ikoranabuhanga, umwarimu nawe ubwe agomba kuba abifite kandi atabishakisha.

3.6 Amabwiriza y’imyigishirize

Uyu mutwe utegurira umunyeshuri gukoresha neza ibikoresho by’ikoranabuhanga cyane cyane mudasobwa. Ku rwego rw’umwaka wa kabiri w’amashuri abanza, igikenewe ni uko umunyeshuri avumbura ibice bigaragara inyuma kuri mudasobwa, akanasobanurirwa akamaro ka buri gice.

Umwarimu agomba kwibuka ko kwigisha uhereye ku kibazo nyamukuru bifasha umunyeshuri kuvumbura ibyo bagiye kwiga, ahereye ku byo azi.

Urugero: isomo rya 8: uburyo bwiza bwo kwicara ukoresha mudasobwa (igitabo cy’umunyeshuri, urupapuro rwa 36-37)

Imyigishirize ikwiriye

- Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda y’abanyeshuri 4. Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cy’Ubumenyi n’Ikoranabuhanga Riciritse cy’umunyeshuri, urupapuro rwa 36
- Umwarimu asaba abanyeshuri mu matsinda yabo gutoranya mu mashusho ari urupapuro rwa 36-37 umunyeshuri wicaye uko bikwiye akoresha mudasobwa ye .
- Umwarimu asaba abanyeshuri mu matsinda yabo kuganira ku mpamvu zo kwemeza ko umunyeshuri yicaye neza cyangwa nabi akoresha mudasobwa ye.
- Abanyeshuri bamurikira ishuri ryose ibyo bakoreye mu matsinda yabo maze mwarimu abikorera ubugororangingo.

3.7 Incamake

Buri munyeshuri agomba kuba abasha kwerekana ko yize kandi asobanukiwe mu buryo bwimbitse ibyo yigishijwe (yavumbuye) muri uyu mutwe. Mbese agasubiza ikibazo **“Uvumbuye iki nyuma y’iri somo?”**

3.8 Ibisubizo ku bibazo by'isuzuma biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urapapuro rwa 39-40

1. Amazina y'ibice bya mudasobwa byerekanwe mu mwitozo:
 - a) "Screen/monitor"
 - b) Indahuzo
 - c) Mwandikisho
 - d) "TouchPad"
2. Umumaro wa buri gice cya mudasobwa cyatanzwe hejuru.
 - a) **Screen/monitor:** Igice dusomeraho ibyanditse muri mudasobwa cyangwa tureberaho amashusho ari muri mudasobwa.
 - b) **Charger:** ni umugozi winjiza umuriro muri mudasobwa icometse ku mashanyarazi.
 - c) **Mwandikisho (Keyboard) :** igice cya mudasobwa kidufasha kwandika muri mudasobwa
 - d) **TouchPad:** Igice umuntu anyerezaho urutoki ashaka guhitamo amakuru ureba kuri screen
3. Kwerekana uburyo umunyeshuri agomba kubika mudasobwa kugira ngo itangirika.

Nyumay'isomo, umunyeshuri arasabwa kubanza kuyihanagura, kuyifunga, kuyitwara neza yigengesereye no kuyishyira mu bubiko bwayo (akabati cyangwa ahandi hateganijwe).

4. Kwerekana uburyo bwiza bwo kwicara uri gukoresha mudasobwa, no gusobanura impamvu ugomba kwicara gutyo.

Buri munyeshuri aricara imbere ya mudasobwa, ayitereke ku meza ye, yerekane uburyo amaso, umugongo, ibirenge, intoki, ... bigomba kuba bimeze, asobanure n'impamvu.

Kwicara neza biturinda indwara z'amaso no guhetama umugongo.

4.1 Isobanurampamvu

Gukora neza igikorwa cyatanzwe kwiga ibiri muri uyu mutwe bizagufasha kuvumbura ukubaho k'umwuka, gusobanura ibiranga umwuka, kurondora akamaro k'umwuka, gusobanura isano iri hagati y'umwuka n'umuyaga, gutandukanya amoko y'umuyaga ndetse no kumenya kwirinda ingaruka mbi z'umuyaga.

4.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kuvumbura ukubaho k'umwuka no gusobanura ibiwuranga, akamaro kawo, gutandukanya amoko yawo n'ingaruka zawo no kuzirinda.

4.3 Imfashanyigisho

Ipompo y'igare, icupa ritagize ikindi kintu kigaragaramo, akadobo karimo amazi, agahungizo, igikoresho kibyara umuyaga (ventilateur), serenge, ishashi, icupa, ipine cyangwa umupira wo gukina.

4.4 Uruhererekane rw'amasomo

Uyu mutwe ugizwe n'amasomo 8 ajyanye n' ibibazo nyamukuru 6 bigaragara mu gitabo, urupapuro rwa 41, 44, 46, 47, 49 na 52.

Imbonerahamwe y'uruhererekane rw'amasomo

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
<ol style="list-style-type: none"> 1. Kuvumbura ukubaho k'umwuka 2. Ibiranga umwuka 	<p>Ni ibiki biranga umwuka? (amasomo 2, iminota 40 x 2)</p> <p>Igitabo cy'umunyeshuri pp 41-43.</p>	<p>Kuvumbura ukubaho n'ibiranga umwuka</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Mu itsinda ry'abanyeshuri babiri: guhaga umupira cyangwa igipurizo hagamijwe kugaragaza ukubaho k'umwuka, kugurutsa urupapuro hifashishijwe agahungizo, gahamijwe kugaragaza ukubaho k'umwuka. • Kwerekana ko mu icupa ritarimo ikintu kigaragara, ko "ritarimo ubusa", ahubwo ko "harimo umwuka" • Gukora amagerageza hakoreshejwe ipompo y'igare, ishahi cyangwa igipurizo hagamijwe gusobanura ibiranga umwuka <ul style="list-style-type: none"> o Kuzaza umwuka mu gipurizo cyangwa mu ishahi, ugafunga neza ku buryo umwuka udasohoka, ugakanda mu mpande zitandukanye zabyo o Guhaga ipine y'igare, umupira cyangwa igipurizo o Kwitegereza umwuka uri mu icupa ribonerana o Kwihumuriza umwuka uri mu icupa cyangwa mu ishuri o Gukandira umwuka mu ipompo y'igare, aho usohokera hafungishije urutoki

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
3. Akamaro k'umwuka	Ni akahe kamaro k'umwuka? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri pp 44-45	Kuvumbura akamaro k'umwuka	<ul style="list-style-type: none"> Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura akamaro k'umwuka Guhaga igipurizo / ipine ry'igare Gukora igerageza ryo gutwika / gucana buji, hariho umwuka cyangwa ntawo uriho (itwikirije ikirahure)
4. Kuvumbura isano iri hagati y'umwuka n'umuyaga	Ni irihe sano iri hagati y'umwuka n'umuyaga? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri p46	Kuvumbura no gusobanura isano iri hagati y'umwuka n'umuyaga	<ul style="list-style-type: none"> Gukoresha agahungizo mu kugaragaza ukubahon'imbaraga z'umuyaga Kuganirira mumatsinda mato hagamijwe kuvumbura isano iri hagati y'umwuka n'umuyaga
5. Amoko y'umuyaga	Ni ayaha moko y'umuyaga abaho? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri p 47-49	Kuvumbura no gutandukanya amoko y'umuyaga	<ul style="list-style-type: none"> Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura akamaro k'umwuka Guhaga igipurizo / ipine ry'igare Gukora igerageza ryo gutwika / gucana buji, hariho umwuka cyangwa ntawo uriho (itwikirije ikirahure)

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
6. Ingaruka z'umuyaga	Ni izihe ngaruka z'umuyaga? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri p 49-51.	Kuvumbura ingaruka z'umuyaga	<ul style="list-style-type: none"> Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura uko twakwirinda ingaruka mbi z'umuyaga ku bidukikije
7. Kwirinda ingaruka z'umuyaga	Ni gute twakwirinda ingaruka mbi z'umuyaga? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri p52-53.	Kwirinda ingaruka z'umuyaga ku bantu no ku bidukikije	<ul style="list-style-type: none"> Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura ingaruka mbi z'umuyaga kubidukikije no kuzirinda
8. Isuzuma	Isomo 1, iminota 40 Igitabo cy'umunyeshuri p54-57	Kuvumbura ukubaho k'umwuka no gusobanura ibiwuranga, akamaro kawo, gutandukanya amoko yawo, n'ingaruka zawo no kuzirinda.	<ul style="list-style-type: none"> Kwerekana ukubaho k'umwuka Kwitagereza ibishushanyo no gusobanura mu magambo cyangwa yandika

4.5 Ubumenyi busabwa mwarimu

Umwarimu kugira ngo yigishe aya masomo agomba kuba afite ubumenyi buhagije ku byerekeranye n’umwuka: ibiranga umwuka, akamaro k’umwuka, isano iri hagati y’umwuka n’umuyaga, amoko y’umuyaga, ingaruka z’umuyaga no kwirinda ingaruka mbi z’umuyaga.

4.6 Amabwiriza y’imyigishirize

Umwarimu agomba kwirinda gusobanura cyane ibyo ashaka ko abanyeshuri bavumbura, ahubwo agomba gutegura ibibazo bituma abanyeshuri batekereza cyane kandi bagakora, aho gutega amatwi.

Ubwo buryo bwo gutegura ibibazo bwavuzwe muri iyi nyoborabarezi, mu mabwiriza rusange y’imyigishirize.

Ibikorwa bya mwarimu bigomba kuba biha uruhare rugaragara umunyeshuri mu kuvumbura ikigwa bigashingira kandi ku byo umwana asanzwe azi.

Urugero:

Mu isomo ryo kuvumbura ibiranga umwuka, mwarimu ntakwiriye kuba ari we usobanura ibiranga umwuka. Abanyeshuri babicishije mu magerageza, buri wese aritegereza, yinukirize, akorakore umwuka cyangwa ibyo umwuka urimo, isomo rikarangira buri mwana abashije kugera ku ntego zaryo, yavumbuye ibiranga umwuka.

4.7 Incamake

Buri munyeshuri agomba kuba abasha kwerekana ko yize kandi asobanukiwe mu buryo bwimbitse ibyo yigishijwe / yavumbuye muri uyu mutwe. Mbese agasubiza ikibazo “Uvumbuye iki nyuma y’iri somo?”

4.8 Ibisubizo ku bibazo by’isuzuma biri mu gitabo cy’umunyeshuri, urapapuro rwa 54-55

1. Ibintu biranga umwuka:
 - Nta mubyimba bwite umwuka ugira

- Nta shusho ifatika umwuka ugira
 - Umwuka urafobegana
 - Nta bara umwuka ugira
 - Nta mpumuro umwuka ugira
2. Ubwoko bw'umuyaga: akayaga gake, umuyaga wo mu rugero, serwakira, inkubi y'umuyaga
- **Akayaga gake** :Akayaga gake nta ngaruka zako ahubwo gatanga amafu
 - **Umuyaga wo murugero**: uyu muyanga nta ngaruka mbi zawo ahubwo wumisha imyenda
 - **Serwakira** :Uyu muyaga ufite imbaraga nyinshi kandi ukaba nteza isuri ku butaka butitaweho.
 - **Inkubi y'umuyaga**:uyu muyaga ufite ingufu zo kurimbura ibimera , gusenya inyubako ndetse no guteza isuri ku butaka.
3. Harabura ibiti birinda inyubako n'ibimera ingaruka z'umuyaga.
4. Kuri aya mashusho, bigaragara ko umwuka duhumeka mu ishuri utuma tugira ubuzima bwiza, naho umuyaga ukaba wumisha imyenda (ishusho ya kabiri).

Umutwe wa 5 Ubutaka

5.1 Isobanurampamvu

Iwanyu aho utuye, aho unyura ndetse n'aho wigira, uhabona ibintu byinshi. Mubyo ubona harimo n'ubutaka. Ugomba kwibaza niba ubutaka bwose bumeze kimwe, akamaro kabwo ndetse n'ibishobora kubwangiza kugira ngo umuntu ashobore kuburinda ibyabwangiza byose.

5.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gushobora kuvumbura akamaro k'ubutaka, ibyangiza ubutaka n'ingaruka z'amazi k'ubutaka.

5.3 Imfashanyigisho

Ubutaka bw'amoko atandukanye, amazi, isuka, ibishushanyo n'amafoto, ahantu hatandukanye hagaragara ubutaka bwangijwe n'amazi, ubutaka bubitse mu macupa.

5.4 Uruhererekane rw'amasomo

Uyu mutwe ugizwe n'amasomo **10** ajoyanye n'ibibazo nyamukuru **5** bigaragara no mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **56, 58, 62, 64** na **66**. Buri somo rimara iminota mirongo ine.

Imbonerahamwe y'uruhererekane rw'amasomo

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
<ol style="list-style-type: none"> 1. Kuvumbura amoko y'ubutaka bw'imusozi (1) 2. Kuvumbura amoko y'ubutaka bw'imusozi (2) 3. Kuvumbura amoko y'ubutaka bwo mu kabande (1) 4. Kuvumbura amoko y'ubutaka bwo mu kabande (2) 5. Kugereranya amoko y'ubutaka bwo mu kabande n'ubw'imusozi 	<p>Amoko y'ubutaka ni ayahe ?</p> <p>(amasomo 5, iminota 40 x 5)</p> <p>Igitabo cy'umu-nyeshuri p 56-57</p>	<p>Kuvumbura amoko y'ubutaka</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gusura ahantu hatandukanye hashobora kuboneka amoko atandukanye y'ubutaka • Gufata (gucukura ukabika mu icupa) amoko atandukanye y'ubutaka • Kwitegereza amoko y'ubutaka • Gukora ibiganiro mu matsinda

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
6. Akamaro k'ubutaka hakurikijwe amoko yabwo	Ese ubutaka bufite akahe kamaro? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umu-nyeshuri p 58-61.	Kuvumbura no gusobanura akamaro k'ubutaka	<ul style="list-style-type: none"> Gukorera mu matsinda ubushakashatsi/igerageza hagamijwe gutandukanya amoko y'ubutaka bw'ahasuwe mu karere ishuri ryubatsemo no kuvuga akamaro kabwo (gukorakora no kwitegereza, kubutosa, kububumbabumba, ...) Gukora ibiganiro mu matsinda
7. Kuvumbura ibyangiza ubutaka biterwa n'imiterere y'isi 8. Kuvumbura ibyangiza ubutaka biterwa n'umuntu	Ni ibiki byangiza ubutaka? (amasomo 2, iminota 40 x 2) Igitabo cy'umu-nyeshuri p 62-63	Kuvumbura ibyangiza ubutaka	<ul style="list-style-type: none"> Gusura ahantu hatandukanye hagaragara ubutaka bwangijwe n'amazi, umuyaga cyagwa umuriro Gukora ibiganiro mu matsinda

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
9. Ibyiza n'ibibi by'amazi ku butaka	Ni izihe ngaruka z'amazi ku butaka? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umu-nyeshuri p 64-66	Kuvumbura no gusobanura ingaruka z'amazi ku butaka	<ul style="list-style-type: none"> Gukora ibiganiro mu matsinda
10. Gushobora kuvumbura akamaro k'ubutaka, ibyangiza ubutaka n'ingaruka z'amazi k'ubutaka	Isomo 1, iminota 40 Igitabo cy'umu-nyeshuri pp 67.		<ul style="list-style-type: none"> Gusubiza ibibazo byateganijwe ku isuzuma

5.5 Ubumenyi busabwa mwarimu

Umwarimu kugira ngo abashe kwigisha aya masomo agomba kuba afite ubumenyi buhagije kubyerekeranye n’ubutaka n’amoko yabwo.

Agomba kuba azi gutandukanya ayo moko ashingiye ku ngano ry’ibibugize cyangwa ibara ryabwo.

Agomba kumenya kandi uburyo ubutaka bushobora kwangirika ndetse n’ibishobora kubwangiza n’uburyo bwo kuburinda kwangirika.

5.6 Amabwiriza y’imyigishirize

Umwarimu mu myigishirize ye agomba guha umunyeshuri umwanya akaba ariwe ugira uruhare runini mu myigire ye, mwarimu akamufasha gukurikira umurongo amuha no kumufasha aho bikenewe.

Agomba kureka abana bakitegereza, bagakorakora imfashanyigisho, bakagira ibiganiro mu matsinda bigambiriye kuvumbura ibyo biga.

Umwarimu agomba kandi kwibuka ko kwigisha uhereye ku kibazo nyamukuru gifasha abanyeshuri kuvumbura ibyo bagiye kwiga, bahereye ku byo bazi ari bwo buryo bwiza.

Urugero: isomo rya 1: Amoko y'ubutaka gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 56-57

Imyigishirize ikwiriye

- Urugero rw'ikibazo nyamukuru: Ese ari ubutaka bwo mu kabande, ku nkuka n'imusozi, bwose bumeze/ buteye kimwe? Itandukaniro ryabwo ni irihe?
- Abanyeshuri basura ahantu hatandukanye bakazana mu ducupa tubonerana ubutaka bahasanze.
- Abanyeshuri bitegereza ubwo butaka, bakabukorakora, bakabwihumuriza, bakabusuka mo amazi, bakabugereranya ndetse bakabushyira mu matsinda.
- Abanyeshuri batanga amazina ya buri tsinda.
- Mwarimu arabayobora mu bikorwa abasaba gukora kugirango bavumbure ibyo yateguye mu ntego z'isomo.

5.7 Incamake

Buri munyeshuri agomba kuba abasha kwerekana ko yize kandi asobanukiwe mu buryo bwimbitse ibyo yigishijwe (yavumbuye) muri uyu mutwe. Mbese agasubiza ikibazo “Uvumbuye iki nyuma y'iri somo?”

5.8 Ibisubizo ku bibazo by'isuzuma biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urapapuro rwa 67

1. Ubutaka burimo amoko y'ingenzi 3. Ibumba, Urusenyi n'imberabyombi.
Utandukanya/umenya amoko y'ubutaka ugendeye ku bivuye mu magerageza y'ukuntu ubwo butaka bubasha kubika cyangwa gutindana amazi.
2. Igisubizo kiri cyo:
 - a) Mu kubumba imitako, hifashishwa ibumba rivanze n'agacanga gacye. **Nibyoye.**
 - b) Iyo dushaka kumenya ubwoko bw'ubutaka tububwirwa n'impumuro yabwo. **Sibyoye.**
Bifashisha amazi, bagashingira ku buryo ubwo butaka bunywa kandi bugatindana amazi.

- c) Mu kubumba inkono, hifashishwa ibumba bavanga n'amazi bakabyumisha, bakabona kubitwika ngo bikomere. **Sibyo. Bavangamo kandi n'umusenyi muto.**
4. Subiza Yego cyangwa Oya:
- a) Mu kubumba imitako, amatafari ahiye n'inkono hifashishwa ubutaka bw'imberabyombi. **Oya.**
- b) b)Ubutaka bw'urusenyi nibwo bwiza bwo guhinga ho. **Oya.**
- c) c) Isuri iterwa n'amazi yaretse ku butaka agakora ikidendezi. **Oya.**
4. Ubutaka bwose ntibushobora gukoreshwa mu guhoma amazu kubera ko bwose budafite ubushobozi bwo kubika amazi ngo bufatane.

Urugero:

Umucanga ntubasha kubika amazi igihe kirekire, kandi iyo ashizemo ntabwo usigara ufatanye.

5. Ibintu bishobora kwangiza ubutaka (bitari amazi) ni umuyaga, imyanda itabora (amashashi, uducupa dukoze muri purasitike, amacupa akoze mu kirahure, ibyuma, ...).

Umuyaga ushobora guhuha ari mwinshi, ubutaka bwo hejuru buhingwa bukigendera, hagasigara ubutayu.

Ibintu bitabora byangiza ubutaka kuko bituma ubutaka butabona umwuka.

6. Ibyiza by'amazi ku butaka:
- Amazi abobeza ubutaka buhingwa, amazi atuma ibyatsi bikura amatungo akabona ibyo arya.

Umutwe wa 6 Ibimera

6.1 Isobanurampamvu

Aho dutuye haboneka ibimera bitandukanye, bimwe birimeza ibindi birahingwa. Byose bifite akamaro kanini ku bantu, ku nyamaswa no ku bidukikije.

6.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutandukanya ibice binyuranye by'ikimera n'umumaro wabyo no gutandukanya (amatsinda) ibihingwa hakurikijwe umumaro wabyo.

6.3 Imfashanyigisho

Ibimera bitandukanye byo mukarere ishuri ryubatsemo (Ibishyimbo, ibigori, amasaka, insina, ibitovu, urwiri, kimali, inturusu, umucaca, umuvumu, umusave, igitovu, imiyenzi, icyayi, ikawa, umucaca, inyabarasanya, karabukirwa, igicumucumu, umwenya).

6.4 Uruhererekane rw'amasomo

Uyu mutwe ugizwe n'amasomo 8 ajyanye n'ibibazo nyamukuru 2 bigaragara no mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 68 na 70. Buri somo rimara iminota mirongo ine.

Imbonerahamwe y'uruherekane rw'amasomo

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
<p>1. Kuvumbura ibice bigize igishyamba na soya n'umumaro wabyo</p> <p>2. Kuvumbura ibice bigize ibyatsi bigufi n'umumaro wabyo</p> <p>3. Kuvumbura ibice by'igiti gikuze n'umumaro wabyo</p> <p>4. Ibimera bifite ibice byose byagombye kugaragara ku kimera</p>	<p>Ni ibihe bice by'ingenzi dusanga ku kimera ?</p> <p>Ibyo bice bimariye iki ibimera?</p> <p>(amasomo 4, iminota 40 x 4)</p> <p>Igitabo cy'umunyeshuri p 68-70</p>	<p>Kuvumbura ibice bigize ikimera n'akamaro kabwo</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gutembera ahakikije ishuri • Kurandura ibimera bitandukanye • Kwigetereza ibice bigize ibimera byazanywe mu ishuri • Gukora ibiganiro mumatsinda hagamijwe gushubiza ibibazo byabajijwe na mwarimu

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
<p>5. Ibimera bigenewe kuribwa, ingengabukungu n'ibigenewe gutegurwa</p> <p>6. Ibimera birwanya isuri, gucana, gutanga imbaho no kuzitira</p> <p>7. Kubungabunga ubuzima bw'ibimera</p>	<p>Ibimera tubona bifite uwuhe mumaro? (amasomo 3, iminota 40 x 3)</p> <p>Igitabo cy'umunyeshuri p70-74</p>	<p>Kuvumbura akamaro k'ibimera bitandukanye</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kwitegereza ibimera bitandukanye • Kuganira mumatsinda no gusubiza ibibazo binyuranye • Gushyira ibimera mumatsinda hagendewe kumumaro wabyo
<p>8. Gutandukanya ibice binyuranye by'ikimera n'umumaro wabyo no gutandukanya (amatsinda) ibihingwa hakurikijwe umumaro wabyo</p>	<p>Isomo 1, iminota 40</p> <p>Igitabo cy'umunyeshuri p 75</p>	<p>Isuzuma</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gusubiza ibibazo byateganijwe ku isuzuma (gushushanya, gushyira mu matsinda, ...)

6.5 Ubumenyi busabwa umwarimu

Umwarimu kugira ngo abashe kwigisha aya masomo agomba kuba azi neza amazina (mu Kinyarwanda) y'ibimera bihingwa n'ibyo mu gihuru byimeza, kandi akamenya gutandukanya ibyo bimera akurikije ibihingwa n'ibidahingwa.

Agomba kumenya ibice bigize kimera, ndetse n'umumaro wa buri gice. Agomba kumenya kandi umumaro w'ibimera bitandukanye bikikije ishuri rye.

6.6 Amabwiriza y'imyigishirize

Umwarimu mu myigishirize ye, agomba guha umwanya abanyeshuri bakaba aribo bagira uruhare mu myigire yabo we akabafasha gukurikira umurongo no kubafasha aho bikenewe.

Umwariwu agomba kureka abanyeshuri bagasura ahantu hatatu hatandukanye hafi y'aho ishuri ryubatse, bitegereza ibimera bitandukanye bityo bikabafasha gutandukanya ibimera biboneka mu karere ishuri rihereyemo.

Umwarimu agomba kwibuka ko kwigisha uhereye ku kibazo nyamukuru gifasha abanyeshuri kuvumbura ibyo bagiye kwiga, bahereye ku byo bazi ari bwo buryo bwiza.

Urugero: isomo rya 1: Kuvumbura ibice bigize ikimera n’umumaro wabyo, igitabo cy’umunyeshuri, urupapuro rwa 68-70

Imyigishirize ikwiriye

- Umwarimu aratanga ikibazo nyamukuru ku banyeshuri bose, bagerageze gutanga ibisubizo.

Urugero:

Ni ukubera iki igiti giteye mu butaka kidapfa kugwa kabone n’ubwo umuyaga wagihuha?

Ibisubizo

Abanyeshuri baravugaga ko ari uko gifite imizi ituma gifata mubutaka bigatuma kidapfa kugwa kabone n’ubwo umuyaga wahuha ari mwinshi. (aha abana baraba bavumbuye imizi ndetse n’akamaro kayo)

- Umwarimu arakomeza abaza ibibazo binyuranye byerekeye ibice bigize ikimera ndetse n’umumaro wa buri gice maze abanyeshuri bagende baganira mumatsinda ari nako bashakisha ibisubizo bityo babe aribo biyigisha.

6.7 Incamake

Buri munyeshuri agomba kuba abasha kwerekana ko yize kandi asobanukiye mu buryo bwimbitse ibyo yigishijwe (yavumbuye) muri uyu mutwe. Mbese agasubiza ikibazo “Uvumbuye iki nyuma y’iri somo?”

6.8 Ibisubizo ku bibazo by’isuzuma biri mu gitabo cy’umunyeshuri, urapapuro rwa 75

Abanyeshuri barashushanya igishyamba maze bashyireho akamaro kaburi gice:

- **Imizi:** gufatisha ikimera mu butaka no kuvoma mu butaka ibitunga ikimera.
- **Uruti:** gufata amababi, indabo n’imbuto no gutwara ibitunga ikimera biva mu mizi bijya mu bindi bice by’ ikimera
- **Amababi:** gutunganya ibitunga ikimera
- **Indabyo:** gutanga imbuto

Ibigenewe kuribwa	Ingengabukungu	Ibikoreshwa mu kuzitira	Gutanga inkwi n'imbaho	Ibikoreshwa mu gutegura
Ibirayi, ibishyimbo, igitoki, amashaza, avoka, intoryi, inanasi, kawa, indimu,	Kawa, icyayi, ibireti, ipamba,	Umuravumba, inturusu, umubirizi, igikakarubamba, indimu, indabyo, setariya, urubingo, ibiti (lesena, kaliyandra), tribusakumu, vetiveri, igikaranka (imburara), inturusu, gereveriya, pinusi, umusave, isipure, umuyenzi, umuvumu, umuhati, isipure	Inturusu, gereveriya, pinusi, umusave, isipure, umuyenzi, umuvumu, umuhati, isipure	Indabyo

7.1 Isobanurampamvu

Ahadukikije imirimo ishobora gukorwa ku manywa cyangwa igokomezwa no mu masaha dukeneramo urumuri rutari izuba. Bimwe mu bitanga urumuri bishobona kandi no gutanga ubushyuhe.

7.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kuvumbura inkomoko y'urumuri n'iy'ubushyuhe n'isano iriho hagati y'urumuri n'igicucu.

7.3 Imfashanyigisho

Izuba, isitimu, umuriro, buji, itadowa, itara rya peterori, itara ry'amashanyarazi, umwambi w'ikibiriti, itara rya gazi, inkwi mu ziko, akanyenyeri (agasimba), ukwezi, itoroshi, igipimo cy'ubushyuhe gikoreshwa kwa muganga, ipasi, ...

7.4 Uruhererekane rw'amasomo

Uyu mutwe ugizwe n'amasomo **14** ajyanye n'ibibazo nyamukuru **11** bigaragara no mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa **76, 77, 79, 81, 83, 84, 85, 87, 88, 90** na **92**.

Buri somo rimara iminota mirongo ine.

Imbonerahamwe y'uruhererekane rw'amasomo

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
1. Kuvumbura inkomoko y'urumuri	Urumuri tubona rukomoka hehe? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri pp 76-77	Kuvumbura ibitanga urumuri	<ul style="list-style-type: none"> • Kuganira mumatsinda • Kwerekana ibikoresho bitandukanye bitanga urumuri no kubicana
2. Kuvumbura umwijima icyo ari cyo	Umwijima ni iki? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri p 77-78	Kuvumbura inkomoko y'umwijima	<ul style="list-style-type: none"> • Kuganira mumatsinda • Kwitegereza • Gukora igerageza

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
3. Isano iri hagati y'urumuri n'igicucu	Ni irihe sano riri hagati y'urumuri n'igicucu? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri p79-81	Kuvumbura isano y'urumuri n'igicucu no gupima uburebure bw'igicucu	<ul style="list-style-type: none"> • Kwitegereza ibishushanyo no kuganira mumatsinda • Gusubiza ibibazo bitandukanye • Gupima uburebure bw'igicucu • Gukora igicucu hifashishijwe bimwe mubikoreho byazanywe mu ishuri
Akamaro k'urumuri Ibibindi n'ingaruka z'urumuri rudakwiraye no kuzirinda	Urumuri rufite akahe kamaro ku binyabuzima? Ibibindi byarwo ni ibihe? (amasomo 2, iminota 40 x 2) Igitabo cy'umunyeshuri pp 81-84	Gutandukanya ingaruka nziza n'ingaruka mbi z'urumuri kubinyabuzima	<ul style="list-style-type: none"> • Kwitegereza ibishushanyo no kuganira mumatsinda • Gusubiza ibibazo bitandukanye • Gukora igerageza rigambiriye kwerekana akamaro k'urumuri kubinyabuzima

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
6. Kuvumbura inkomoko y'ubushyuye	Ubushyuye twumva buturuka he? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri p 84-85.	Kuvumbura ibitanga ubushyuye	<ul style="list-style-type: none"> • Kuganira mumatsinda • Kurondora ibitanga ubushyuye • Gukora igerageza rigamije gucana ibintu bitanga ubushyuye
7. Akamaro k'ubushyuye 8. Ibibi n'ingaruka z'ubushyuye budakwirirye no kuzirinda ingaruka	Ese ubushyuye bufite akaha kamaro? Bufite se izihe ngaruka? Twazirinda dute? (amasomo 2, iminota 40 x 2) Igitabo cy'umunyeshuri p85-86	Kuvumbura ingaruka mbi n'inziza z'ubushyuye no kwirinda ingaruka mbi z'ubushyuye	<ul style="list-style-type: none"> • Kwitegereza ibishushano • Kuganira mumatsinda • Gusubiza ibibazo • Gusura ahantu hatandukanyeye hagaragara ibyiza n'ibibi by'ubushyuye

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
<p>9. Kuvumbura uburyo bwo gupima ubushyuhe</p> <p>10. Amoko y'ibipimo by'ubushyuhe</p>	<p>Ni ayahe moko y'ibipimo by'ubushyuhe uzi? Bikoreshwa gute? (amasomo 2, iminota 40 x 2)</p> <p>Igitabo cy'umunyeshuri 88-89</p>	<p>Kuvumbura uko ibipimo by'ubushyuhe bikoreshwa no kugikoresha</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kwigereza ibishushanyo n'ifashanyigisho zirimu ishuri • Kuganira mumatsinda no gusubiza ibibazo bitandukanye
<p>Ibice bigize igipimo cy'ubushyuhe</p> <p>Gupima ubushyuhe bw'umubiri w'umuntu</p>	<p>Ni gute napima ubushyuhe bw'umubiri wange? (amasomo 2, iminota 40 x 2)</p> <p>Igitabo cy'umunyeshuri p 90-91</p>	<p>Gupima ubushyuhe bw'umubiri w'umuntu</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kwigereza ifashanyigisho zazanywe mu ishuri • Kuganira mumatsinda • Gupima ubushyuhe bw'umubiri w'umuntu

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
	Ni irihe sano riri hagati y'ibitanga urumuri n'ibitanga ubushyuhe? (isomo 1, iminota 40) Igitabo cy'umunyeshuri pp 91-92	Kuvumbura ibitanga urumuri n'ibitanga ubushyuhe	<ul style="list-style-type: none"> • Kwitegereza • Gucana ibintu bitandukanye kugirango hagaragare isano iri hagatiy'ibitanga urumuri'ubushyuhe • Kuganira mumatsinda • Gusubiza ibibazo bitandukanye
	Isomo 1, iminota 40 Igitabo cy'umunyeshuri pp 94	Isuzuma	<ul style="list-style-type: none"> • Gusubiza ibibazo byateganijwe ku isuzuma (gushushanya, gushyira mu matsinda, ...)

7.5 Ubumenyi busabwa mwarimu

Umwari mu kugirango abashe kwigisha aya masomo agomba kuba azi neza ibitanga urumuri, ubushyuhe, inkomoko y'umwiji n'igicucu. Agomba kandi kuba azi ikoreshwa ry'ibintu bitandukanye bitanga urumuri n'ubushyuhe kuburyo bidashobora gutera amanyeshuri impanuka. Agomba kandi kuba azi gukoresha ibipimo bitandukanye bipima ubushyuhe no kwirinda impanuka zabikomokaho.

7.6 Amabwiriza y'imyigishirize

Umwari mu myigishirize ye, agomba guha umwanya abanyeshuri bakaba aribo bagira uruhare mu myigire yabo we akabafasha gukurikira umurongo no kubafasha aho bikenewe.

Agomba kureka abanyeshuri bagasohoka bakajya kwitegereza no gukora amagerageza yerekeye gupima uburebure bw'igicucu ndetse no kwitegereza ibyiza n'ibibi by'urumuri n'ubushyuhe kubidukikije.

Agomba kandi kureka abanyeshuri bagakora amagerageza agambiriye kugirango bavumbure ibyo bagomba kwiga aribo babyikoreye ubwabo.

Umwari mu we akaba ari uwo kubafasha kwivumburira ibyo bagomba kumenya no kugira ubushobozi bahereye ku byo bazi.

Urugero: isomo rya 1: Kuvumbura inkomoko y'urumuri, igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 76-77

Imyigishirize ikwiriye

Umwari mu atanga ikibazo nyamukuru: “**urumuri ruturuka hehe**”?

Abanyeshuri baraganira mu matsinda maze bagaragaze inkomoko y'urumuri bahereye kubintu bazi bikoreshwa iwabo.

Abanyeshuri baritegereza imfashanyigisho mwarimu yazanye mu ishuri maze bagende bakora amagerageza. yo kuvumbura ibitanga urumuri.

7.7 Incamake

Buri munyeshuri agomba kuba abasha kwerekana ko yize kandi asobanukiwe mu buryo bwimbitse ibyo yigishijwe

/yavumbuye muri uyu mutwe. Mbese agasubiza ikibazo “Uvumbuye iki nyuma y’iri somo?”

7.8 Ibisubizo ku bibazo by’isuzuma biri mu gitabo cy’umunyeshuri, urapapuro rwa 94

1. Ibintu bitanu bitanga ubushyuhe: izuba, isitimu, umuriro, buji, itadowa
2. Umwijima ni ukubura k’urumuri
3. Interuro nzima:
 - a) Igicucu ni ukubura k’urumuri. **Sibyoy.**
 - b) Ibitanga urumuri byose bitanga n’ubushyuhe. **Sibyoy.**
 - c) Amaso yacu ashobora kwangirika iyo dusomeye ku zuba ry’igikatu. **Nibyoy.**
 - d) Igipimo cy’ubushyuhe bw’umuntu utarwaye ni 40. **Sibyoy.**
4. Iyo ubushyuhe bubaye bwinshi: ibyatsi biruma amatungo akabura ibyo arya, amazi arakama amatungo akabura amazi ahagije yo kunywa.
5. Buri mwana arapima ubushyuhe bw’umubiri we, anasobanura uko abigenza.
6. Ibintu bitanga urumuri ntibitange ubushyuhe: ukwezi, itoroshi zidafite itara ribumbabumbye, akanyenyeri (agasimba)n’ ibindi.

Umutwe wa 8 Ibyumviro

8.1 Isobanurampamvu

Umubiri w’umuntu ufite ibice bitandukanye kandi byose bifite akamaro. Byose biruzuzanya mu gutanga umuntu wuzuye. Ibice by’umubiri w’umuntu bikorana n’ibyumviro bitandukanye. Kugira ngo umubiri ukore neza bisaba ko ibyumviro byawo biba bikora neza. Ni byiza rero kumenya ibyumviro by’umubiri, akamaro kabyo ndetse n’uburyo bwo kubikorera isuku hagamijwe kugira ubuzima bwiza.

8.2 Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe

Gushobora gutandukanya ibyumviro by’umubiri w’umuntu, kubisukura no kurondora umumaro wabyo.

8.3 Imfashanyigisho

Ibishushanyo by’ibyumviro by’umubiri w’umuntu, amazi, umunyu, ibirahure cyangwa ibikombe, isukari, imitobe itandukanye, ibintu biri aho abana batembera hakikije ishuri.

8.4 Uruhererekane rw’amasomo

Uyu mutwe ugizwe n’amasomo 6 ajyanye n’ibibazo nyamukuru 2 bigaragara no mu gitabo cy’umunyeshuri, urupapuro rwa 94 na 97. Buri somo rimara iminota mirongo ine.

Imbonerahamwe y'uruhererekane rw'amasomo

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
<ol style="list-style-type: none"> <li data-bbox="435 1413 505 1779">1. Ijisho, ugutwi n'izuru n'akamaro kabyo <li data-bbox="505 1413 575 1779">2. Ururimi n'uruho n'akamaro kabwo 	Ese ibyumviro by'umubiri w'umuntu ni ibihe? Umumaro wabyo ni uwuhe? Igitabo cy'umunyeshuri p 94-95	Kuvumbura ibyumviro by'umubiri w'umuntu n'akamaro kabyo	<ul style="list-style-type: none"> <li data-bbox="435 230 463 618">• Kuganira mu matsinda <li data-bbox="463 230 547 618">• Kurondora ibyumviro by'umubiri w'umuntu <li data-bbox="547 230 575 618">• Gusubiza ibibazo <li data-bbox="575 230 771 618">• Gutembera ahakikije ishuri murwego rwo gukoresha ibyumviro bitandukanye no kumenya akamaro kabyo <li data-bbox="771 230 939 618">• Gukora amagerageza agambiriye kuvumbura akamaro k'ibyumviro by'umubiri <li data-bbox="939 230 1155 618">• Gutandukanya ibintu binyuranye bagendeye ku miterere yabyo bakoresheje ibyumviro bitandukanye

Urutonde rw'amasomo (inyito ya buri somo)	Ikibazo nyamukuru	Intego	Ibikorwa by'umunyeshuri
3. Uburyo bwo gufata neza ijisho, ugutwi n'izuru n'akamaro kabyo 4. Uburyo bwo gufata neza ururimi n'uruhu n'akamaro kabwo 5. Gusukura ibyumviro by'umubiri w'umuntu	Ni gute nafata neza ibyumviro by'umubiri wange? Igitabo cy'umu-nyeshuri p95-97.	Kuvumbura uburyo bwo gufata neza no gusukura ibyumviro by'umubiri w'umuntu	<ul style="list-style-type: none"> • Kwigereza ibishushanyo • Kuganira mumatsinda • Gusubiza ibibazo bitandukanye
6. Gushobora gutandukanya ibyumviro by'umubiri w'umutu, kubisukura no kurondora umumaro wabyo	Isomo 1, iminota 40 Igitabo cy'umunyeshuri 95	Isuzuma	<ul style="list-style-type: none"> • Gusubiza ibibazo byateganijwe ku isuzuma (gushushanya, gushyira mu matsinda, ...)

8.5 Ubumenyi busabwa mwarimu

Umwarimu kugira ngo abashe kwigisha aya masomo agomba kuba azi neza ibice bigize umubiri w’umuntu kugirango aze kubasha kwerekana isano iri hagati y’ibice by’umubiri w’umuntu n’ibyumviro byawo. Agomba kuba azi ibyumviro byose n’akamaro kabyo ndetse n’uburyo bwo kubifata neza murwego rwo kwirinda icyo aricyo cyose cyabyangiza.

8.6 Amabwiriza y’imyigishirize

Umwarimu mu myigishirize ye, agomba guha abanyeshuri umwanya bakaba aribo bagira uruhare mu myigire yabo we akabafasha gukurikira umurongo abaha no gukora amagerageza atandukanye muburyo bukwiye.

Agomba kureka abanyeshuri bakajya kwitegereza ibintu hanze no gukoresha ibyumviro byabo bitandukanye ahantu hatandukanye.

Azirinda guha abanyeshuri ibisobanuro by’ibyo bagakwiye kuba biga ahubwo azahera kubyo abanyeshuri bazi maze abareke bivumburire ibyo bagomba kwiga hifashishijwe kwitegereza, kuganira mu matsinda, gusubiza ibibazo no gukora amagerageza.

Urugero: isomo rya 1: Ibyumviro by’umubiri w’umuntu umumaro wabyo ni uwuhe? Igitabo cy’umunyeshuri,urupapuro rwa 95-96

Imyigishirize ikwiriye

Mwarimu aratanga ikibazo nyamukuru” kerekeranye n’icyumviro kimwe maze abana bagerageze gusubiza nyuma yo kuganira mu matsinda no kwitegereza.

Urugero

Ni ukubera iki iyo hakonje cyane umuntu yifubika? Yumva ko hakonje ate?

Abanyeshuri bazaganira mu matsinda maze bavumbure ko ari uko haba hakonje bakaba bakeneye ko umubiri ugomba guhora ushyushye kurugero rumwe, abandi bavumbure ko uruhu ari rwo rwumva ubushyuhe cyangwa ubukonje.






8.7 Incamake

Buri munyeshuri agomba kuba abasha kwerekana ko yize kandi asobanukiwe mu buryo bwimbitse ibyo yigishijwe (yavumbuye) muri uyu mutwe. Mbese agasubiza ikibazo “Uvumbuye iki nyuma y’iri somo?”

8.8 Ibisubizo ku bibazo by'isuzuma biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urapapuro rwa 99

Isuzuma ryatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri riteye gutya:

1. Huza icyumviro n'igishushanyo cyacyo gikwiye

Kureba	
Kumva	
Guhumurirwa	
Kuryoherwa	
Gukorakora	

2. a) oya
 b) yego
 c) yego
 d) yego

Ibitabo byifashishijwe mu gutegura iki gitabo

1. MINEDUC (1997). *Integanyanyigisho y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga riciriritse mu mashuri abanza*. Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Integanyanyigisho, Kigali.
2. MINEDUC (2009). *Social Studies Curriculum for Rwanda's Basic Education Programme, Year 1 to 6*. National Curriculum Development Centre, Kigali.
3. MINEDUC (2015). *Competence – Based Curriculum Framework, Pre-primary to Upper Secondary*. Rwanda Education Board, Kigali.
4. MINEDUC (2015). *Integanyanyigisho y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse, Ikicro Cya Mbere Cy'amashuri Abanza*. Rwanda Education Board, Kigali.